IBIRI MURI AKA GATABO N° 30

1. Ijambo ry'ibanze
Ubwanditsi
2. Papa Benedigito wa XVI yasuye Afrika
Padiri Fabiyani Rwakareke
3. Ubwiyunge ni Uburenganzira n'inshingano kuri buri wese (igice cya gatatu)
Padiri Emmanuel Nyampatsi
4. Bikira Mariya atwigisha iki mu mwaka wa Liturujiya (igice cya kabiri)
Fratri Théoneste Nzayisenga
5. Ijambo rya Padiri Mukuru wa Seminari ku munsi mukuru wa Mt.Piyo wa cumi
Padiri Vincent Harorimana
6. Inkera y'ishya
Padiri Dominiko Ngirabanyiginya
7. Gatemeri gatatse
Christophe Komayombi
8. Twizihije umunsi mukuru w'ishuli ryitiriwe Mutagatifu Matayo ry'i Busasamana
Janvière Bazamuranga
9. Abasaveri bo muri Diyosezi ya Nyundo bahawe ubutumwa ku munsi wa Yubile yabo
Didace Musebyukundi
10. Korali Magnificat ya Paroisse Muhororo yasuye Paroisse ya Gisenyi
Françoise Bamurange
11. Dushakire hamwe inzira y'Amizero
Padiri Yohani Damaseni Bizimana
12. Barahuye bifurizanya umwaka muhire
Françoise Bamurange
13. Umupfakazi w'intangarugero yaratabarutse
Patricia Dusabemariya
14. Ndasaba sintegeka
Anthère Uzamberumwana
15.Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro ya Diyosezi ya Nyundo yashoje amahugurwa y'imyaka icumi : umuvugo w'umwe mu bashoje ayo mahugurwa Thérèse Ntamuhanga
16. Buzima jya ejuru tera imbere
Mariya Nyirabashoza
17. Ijambo rya Perezida wa Komite Nyobozi ya Paruwasi Kibuye ku munsi wa Missa y'umuganura ya Padiri Innocent Kubwimana (12.10.2008) / Ignace Banyaga
18. Shimira uwaguhanze
Jeannette Mukarusengo
19. Imparirwa kurusha
Rosine Twizerimana
20. Udukuru two hirya no hino
Françoise Bamurange.

IJAMBO RY'IBANZE

Ubuvandimwe nyabwo niyo mizero y'Afrika

Basomyi b'Umusemburo w'Ubusabane mukomeze mutubabarire gukererwa kubagezaho Akanyamakuru kanyu. Aho kaziye mujye mukakira nk'incuti ikugarukiye yaragize ibiyibuza kukugenderera. Nidufatanya hari ubwo tuzasubira kujya tubagereraho ku gihe .

Dushimiye cyane kandi dusaba imbabazi abatwohereereje inyandiko zigasa nka wa muntu wicara muri taxi ateze ko yuzura, urugendo rwe rukaba rwateshuka ku cyo rwari rugenewe. Nyamara inyandiko ziri muri aka gatabo n'ubwo zitubwira inkuru zabaye hambere, ziracyashimishije. Icyo zihuriyeho gituma zidashaje nuko zitubwira ibyiza by'ubuvandimwe ariyo ntego yacu.

Papa Benedigito XVI ubwo aherutse gusura Afrika yerekanye ko ubuvandimwe nyabwo ari yo ntsinzi ya byinshi bishikamiye Afrika. Ateguriza Sinodi y'Abepiskopi izaba igenewe Afrika izabera i Roma mu kwezi kwa cumi k'uyu mwaka (4-25/10/2009) yaravuze ati : « Ubwo muri Kristu tugize umuryango umwe, tukaba dusangiye ubuzima, amaraso amwe ya Kristu akaba atemba mu ngingo zacu, bikatugira nyine abana b'Imana, umuryango w'Imana, inzangano ntizari zikwiye kuzongera kubaho, akarengane n'intambara ntibizasubire hagati y'abavandimwe »(O.R.F.n°12 du 24 Mars 2009).

Papa yibukije ko ibyo gushingira inyigisho z'Iyobokamana ku buvandimwe kugira ngo bifashe abanyafurika byifujwe kera na Kardinal Gantin hari muri 1988. Ariko no mu bihe by'intangiriro y'iyamamazwa ry'Inkuru nziza mu kinyejana cya kane undi munyafurika Lactance (260-325) yari yaranditse ati : « Umurimo wa mbere w'ubutabera ni ukwemera ko umuntu wese ari umuvandimwe. Kuko mu by'ukuri ubwo ari Imana imwe yaturemye, kandi tukaba twarabyawe na Yo ku buryo bumwe, itugenera ubutungane n'ubuzima bw'iteka, ntawashidikanya ko duhujwe n'isano y'ubuvandimwe. Utemera iyo sano ari mu cyaha » (Epitomé des Institutions Divines, 54, 4-5 SC 335, p.210).

Uwemera iyo sano y'ubuvandimwe aharanira kugira amahoro muri we, akiyunga n'Imana n'abavandimwe kugira ngo urukundo rube isoko y'ubuzima itemba muri bose. Padiri Emmanuel Nyampatsi yabitubwiye mu gice cya gatatu cy'inyandiko ye ivuga ubwiyunge. Agaragaza ko ku bireba uwahemukiwe ubwiyunge busaba umutima usa n'uwa Kristu : umutima w'impuhwe. Aravuga ati : « Nawe iyo ubabariye uwaguhemukiye uba ukoze igikorwa cy'ubucunguzi kuko umwenda w'inabi yari kukwishyura uwumuvanaho ; ahubwo ukamuha impano yari yarabuze ariyo twita impuhwe ». Icyakora anibutsa uwahemutse ko « Nawe asabwa gutera za ntambwe ebyiri za mbere zo kwiyunga n'Imana no kwiyunga na we ubwe, kugira ngo yumve neza uburemere bw'ibyo yakoze ahemukira mugenzi we ; yige n'uburyo bwo kubivamo ».Byisomere byose niho usobanukirwa binoze n'impanuro ze.

Ubuvandimwe Papa aturarikira bukenera kandi ko umuntu aba afite umutima uri mu gitereko, asenga, kandi agira ibikorwa byiza biba nk'imbuto yera ku iryo sengesho. Fratri Théoneste Nzayisenga aratubwira ko iyo iryo sengesho turinyujije kuri Bikira Mariya rigira kivugira nka bimwe by'i Kana. Turamushimira ko ibyo azirikana agira ubutwari bwo kubisangiza abandi kandi aracyabikomeje n'ubutaha azaza.

Hari n'abandi batugejejeho inkuru z'iminsi mikuru, aho bwa buvandimwe bwigaragariza cyane, bagashima ababagirira neza, n'abakora neza nk'uko Padiri Mukuru wa Seminari ya Mutagatifu Piyo na Musenyeri Dominiko bashimira Umushumba wa Diyosezi, bakanashima abaseminari barera, babaye ingenzi mu ruhando rw'amashuli yo mu Rwanda.

Ab'i Busasamana Bazamuranga Janvière nabo arabavuga ibigwi ; ishuli ryaragijwe Mutagatifu Matayo n'ubwo ryigeze kugira ibibazo ubu rifite amatwara ahamye yo guharanira kudahigwa.

Naho Didace Musebyukundi we, aratugezaho ibyavugiwe mu birori byo kwizihiza Yubile y'imyaka 50 ishize umuryango w'abasaveri ushinzwe muri Diyosezi ya Nyundo, muri izo mpanuro harimo n'icyizere cy'uko uwo muryango uzakomeza kugirira urubyiruko akamaro.

Bamurange Françoise we yanyuzwe n'ubuvandimwe buhuza abakunda Imana. Kuba Korali yo ku Muhororo yaraje gusura Paroisse ya Gisenyi, ikakirwa na Korali yo ku Gisenyi bisangiye izina rya Magnificat, arabibonamo ubupfura bwo gukomera ku murage w'urukundo rwa Kristu n'umuco mwiza wo gusurana uzahora uranga abanyarwanda.

Mu yindi nyandiko na none, aragaragaza ko yanyuzwe n'umwiherero w'abahujwe no kuba bakorera Diyosezi, barahuye birabashimisha biha gahunda yo kubikomeza mu bihe biri imbere.

Umusemburo w'Ubusabane urashima cyane Padiri Damaseni Bizimana ujya mu nama akibuka abasomyi bawo, yajya gusengera aho abahowe Imana biciwe akabitugezaho, murabyibuka namwe : ni incuti y'ukuri y'abasomyi twese. Noneho yazinduwe no kutubwira Ihuriro ry'i Naïrobi ryayobowe n'abavandimwe b'i Taize. Nabishimirwe cyane atubere n'urugero.

Ibyo twasangiza abavandimwe ni byinshi, hari ibyishimo, ndetse n'akababaro nk'uko Patricie Dusabemariya avuga : umupfakazi w'intangarugero watabarutse, kuri we ugutabaruka kwa Consolatie Nyirahagenimana ni n'ibyishimo « kubera iyo ntwari igiye kongera ubuvugizi bw'abapfakazi mu rusange rw'abatagatifu ».

Inyandiko ni nyinshi ntitwavuga imwe imwe ngo turangize, icyakora bose turabashimiye. Imana ibakomereze ubwenge n'umutima usangiza abandi ibyo yabahaye, muraza kwibonera ko hamaze no kuboneka benshi bashaka guhanika, bagatanga ubutumwa bwabo mu mivugo. Umusemburo w'Ubusabane uzabe n'urubuga runizihirizwamo ibiteza imbere umuco mwiza w'abanyarwanda.

Turabategereje mwese. Ntimugahigwe.

Ubwanditsi.

PAPA BENEDIGITO WA XVI YASUYE AFRIKA

Yasuye Afrika yugarijwe n'ibibazo, ariko ifite n'amizero menshi.

Mu kwezi kwa Werurwe 2009, guhera taliki ya 17 kugeza ku ya 23, Nyirubutungane Papa Benedigito wa XVI yagendereye ibihugu bibiri byo muri Afrika : Kameruni na Angola.
Urwo rugendo ntirwari rugenewe ibyo bihugu byombi byonyine, Papa yasuye Afrika yose, yaje afitiye ibihugu byose by'Afrika ijambo ryo gukomeza abanyafrika bugarijwe n'inzitane z'ibibazo by'inzara, indwara, intambara n'akarengane k'ingeri nyinshi. Ibyo byose yagize icyo abivugaho. Yasabye Abanyafrika gushyira mu gaciro, bakamenya ko aribo bagomba guhaguruka bagakora bakigeza kw'iterambere rirambye bagahashya ibizitira ubusugire bw'imibereho yabo.
Abantu bakwicwa n'inzara bate kandi Afrika ifite ubutaka bwera, ifite abaturage benshi bakiri bato? Ikibura ni ugushyira hamwe, no guhamya ingamba z'ukuri zo guhindura imikorere idindiza, hagashakwa uburyo bushya butuma buri wese abona ikimutunga, agasagura n'ibyo ahahira abandi.

Nyamara ibyo byose ntibyashoboka hari impagarara. Ikidindiza ibihugu by'Afrika cya mbere ni umutekano muke. Ntawakora ashyizeho umwete atizeye ko ibyo avunikira azabitunga.
Abanyafurika bakwiye kurandura ibintu byose bitera imidugararo: intambara zishingira kw'irondakoko, ubwambuzi bukandamiza rubanda bishingira kuri ruswa n'ubundi buryo bwose bwo gushaka indonke witwaza ko urusha undi amaboko. Indwara na zo zibuza Abanyafurika amahoro: uretse kubatera intege nke no kubambura ubuzima, zibabuza no kugera ku majyambere; no kutizera ejo hazaza bikababuza gukora. Abanyamakuru bashatse gutesha urugendo rwa Papa agaciro batinda ku byo yahamije by'uko gukoresha agakingirizo atari wo muti w'ibanze wo kurwanya SIDA. Papa yumvishije abashatse kumutega amatwi ko igikwiye ari umutima uharanira kubaho, umuntu akemera kwifata ngo hato ishyano ritamugwirira, akarikururira n'abandi. Uburyo bw'ingenzi bwo kurwanya SIDA ni ukuvugurura umuco, buri muntu agashakira undi icyamuha ubuzima burambye akirinda icyashobora kubuhutaza cyose. Ikindi ni ukwita ku bafite ibibazo, bakagaragarizwa urukundo rw'ukuri. Hakwiye kandi n'ubutwari bwo kwigomwa no gutsinda icyagirira undi nabi cyose. Mbere ya byose rero kuvugurura uburyo tubona ibintu, imitekerereze yacu n'imyifatire yacu twubaha umubiri wacu n'uwa mugenzi wacu ni byo shingiro ryo kurwanya kiriya cyorezo. Kiliziya ibitangamo umuganda ukomeye mu nyigisho n'ibikorwa binyuranye ku mavuriro yayo.

Ubukristu bushingiye ku buvandimwe

Kuwa kane taliki ya 19 Werurwe, mu nzu y'intumwa ya Papa i Yaoundé mu murwa mukuru w'Igihugu cya Kameruni Papa Benedicto wa XVI yagejeje ijambo ku bagize inteko yihariye ya Sinode iziga ibyerekeye Afrika. Byabaye nk'uburyo bwo guteguriza muri Afrika iyo nama izabera i Roma, i Vaticani, guhera taliki ya 4 kugeza ku ya 25 Ukwakira muri uyu mwaka wa 2009. Amaze kubashimira uko bateguye neza iyo nama, dore ko ubu basohoye igitabo gikubiyemo imfashanyigisho ku ngingo zizigwa (Instrumentum Laboris) kikaba cyaragejejwe ku Bepiskopi bose bo muri Afrika, Papa yanavuze ko Afrika ifite amateka akomeye. Afrika yakiriye Umwana w'Imana igihe ahungiye mu Misiri. Yezu ubwe yatagatifuje Afrika igihe imubera ikiramiro. Inkuru nziza yamamaye muri Afrika ya ruguru igitangira gusakazwa kw'isi yose. Inyigisho z'uruhererekane zivuga ko Mutagatifu Mariko umwanditsi w'Ivanjili yageze mu mugi w'Alexandriya mu gihugu cya Misiri. Kuva icyo gihe ubukristu ntibwigeze buzima burundu n'ubwo bwahuye n'ingorane zikomeye. Mu kinyejana cya XVI abanyaburayi bashakaga inzira y'inyanja izabageza mu Buhindi bagejeje Ivanjili ku nkengero z'inyanja zo muri Kongo n'Angola by'ubu. Icyakora ntibyarambye; Inkuru nziza yaje gushinga imizi bihamye muri Afrika yo munsi y'ubutayu bwa Sahara mu binyejana bya cumi n'icyenda na makumyabiri. Ubu Afrika ifite Abasaserdoti n'Abiyeguriyimana

kavukire benshi, kandi abitegura kwiyegurira Imana bariyongera buri mwaka. Afrika ifite Abalayiki b'ingenzi. Aha yashimye cyane umurimo w'Abakateshisti bunganiye bikomeye ba Misiyoneri, bakabafasha kuvuga Inkuru nziza mu ndimi z'Abanyafurika. N'ubu kandi abo balayiki b'imena baracyafite umwanya ndasimburwa. Ibyo Papa yabishimiye Imana kandi ashima n'Abanyafurika.

Icyakora arasanga ubukristu bukwiye kurushaho kuba umusemburo w'imibereho ikwiranye n'abana b'Imana muri iyi Afrika yugarijwe n'ibibazo, ariko kandi ikaba ifite n'amizero meza.

Yibukije ko Sinode yiga iby'Afrika yabaye muri 1994 yashyize imbere igitekerezo-fatizo cy'uko Kiliziya ari umuryango w'Imana. Anavuga ko insanganya-matsiko ya Sinodi igiye gutangira isongera iby'uko Kiliziya ari umuryango w'Imana. Uwo muryango ukomezwa n'uko muri wo hari ubwiyunge, ubutabera n'amahoro. Konsili yabereye i Vaticani ubwa kabiri ihamya ko "Muri Kristu, Kiliziya ari nk'Isakaramentu, aribyo kuvuga ikimenyetso ndetse n'inzira y'ubumwe bushyitse abantu bagirana n'Imana n'ubwo bene muntu basangiye"(LG.I).

Kugira rero ngo ibyo bishoboke Kiliziya igomba kuba umuryango w'abantu biyunze n'Imana kandi no hagati yabo bafite ubwo bwiyunge. Ibigezeho niho yashobora kugirira akamaro iyi si yuzuyemo impagarara, intambara n'inzangano.

Papa yavuze ko ibyagiye bibera muri Afrika by'amahano, nka jenoside, ubwicanyi n'intambara bikwiye kuduhwitura tugaharanira ko bitazongera kubaho. Ntawe ubyungukiramo, ahubwo biduheza mu butindi bw'inzara n'ubundi bukene butuma duhora dusabiriza.

Papa aravuga ati: "Ubwo muri Kristu tugize umuryango umwe, tukaba dusangiye ubuzima, amaraso amwe ya Kristu akaba atemba mu ngingo zacu, bikatugira nyine abana b'Imana, umuryango w'Imana, inzangano ntizari zikwiye kuzongera kubaho, akarengane n'intambara ntibizasubire hagati y'abavandimwe"(O.RFn°12 du 24 Mars2009).

Papa yibukije ko Kardinali Bernardin Gantin, Umunyafurika wakomokaga mu Gihugu cya Benin, yari yarifuje muri 1988 ko habaho "théologie de la fraternité, bishaka kuvuga gusobanura Iyobokamana uhereye k'ubuvandimwe, bukaba ishingiro ry'ibitekerezo (cfr O.RFn°15 du 12 Avril 1988).

Papa yarakomeje ati umenya Cardinal Gantin yaribukaga ibyanditswe n'undi Munyafurika wa kera cyane mu ntangiriro y'ikinyejana cya kane witwaga Lactance wanditse ngo: "umurimo wa mbere w'ubutabera ni ukwemera ko umuntu wese ari umuvandimwe. Kuko mu by'ukuri ubwo ari Imana imwe yaturemye, kandi tukaba twarabyawe na Yo ku buryo bumwe, itugenera ubutungane n'ubuzima bw'iteka, ntawashidikanya ko duhujwe n'isano y'ubuvandimwe. Utemera iyo sano ari mu cyaha"(Epitomé des Institutions Divines, 54, 4-5 SC 335, P.210).

Kuri twe abakristu ba Diyosezi ya Nyundo iyi mvugo ntidutunguye. Sinodi ya Diyosezi yacu yadufashije kumva iriya sano y'ubuvandimwe bw'abana b'Imana. Isano muri Kristu idusumbira iy'amaraso. Ni isano y'ubugingo, itazagira ikiyikura. Ni isano itanga amahoro. Ni isano iha buri wese imbaraga zo gukora no kuba ingirakamaro aho ari hose. Ni yo yaduteye gufata wa muhigo duhuriraho w'uko : « Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo twarabyiyemeje ».

Abagatolika bo muri Afurika barangamiye iyi Sinodi y'Abepiskopi. Noneho si nka ya yindi twakoze muri Diyosezi zacu, bitaga ko ari Sinodi idasanzwe. Muribuka ko twe twayikoreye no mu miryango-remezo ibivuyemo bigashyikirizwa inteko ya Sinodi mu rwego rwa Diyosezi. Sinodi Papa yari yaje kurarikira Abepiskopi ni urwego ruhanitse : ihuza Abepiskopi babitorewe. Hasanzwe Sinodi y'Abepiskopi yiga ingingo bateganije, bayigira Kiliziya yose, nk'uko kuva ku italiki ya 5 kugeza ku ya 26 z'Ukwakira 2008 i Roma habaye inama ya Sinodi y'Abepiskopi yari ifite iyi nsanganyamatsiko : « Ijambo ry'Imana mu buzima n'ubutumwa bwa Kiliziya ».

Habaho na Sinodi y'Abepiskopi igenerwa gutekereza ku nsanganyamatsiko yabigenewe ariko ibyo bigaho babirebera umugabane uyu n'uyu w'isi. Hagiye habaho Sinodi y'Abepiskopi igenewe Aziya, igenewe Uburayi bityo. Ni nk'uko hagiye kubaho ubwa kabiri ihuriro rya Sinodi y'Abepiskopi rigenewe Afurika. Inshingano iyo nama yahawe kwigaho ni iyi : « Kiliziya muri

Afurika iharanira ubwiyunge, ubutabera n'amahoro ». « Muri umunyu w'isi… muri urumuri rw'isi »(Mt5,13-14).

Twabonye ko Papa yaje kurarikira Abepiskopi bo muri Afurika gushishikariza abakristu gusabira iyo nama, yabahaye n'igitabo gikubiyemo ibizigwa. Iyo nama irangiye imyanzuro yayo bayishyikiriza Papa, akaba ariwe utegura uko izatangarizwa abantu bose.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yatumye abapadiri ba Diyosezi bose bari bateraniye mu nama ku itariki ya 6 n'iya 7 Gicurasi 2009, gushishikariza abakirisitu gusabira iriya Sinodi y'Abepiskopi. Mu kwezi kwa Nzeri hasigaye nyine ukwezi ngo iyo Sinodi itangire, tuzajya tuvuga buri munsi isengesho ryo gusabira Kiliziya, ku itariki ya 4.10.2009 umunsi izatangira hazavugwa Missa yo gusengera iyo Sinodi no ku cyumweru kindi kuri 25.10 ku munsi wo kuyisoza, dusabe ngo imyanzuro yayo izavugurure ubukristu muri Afrika.

Urugendo rwa Papa nk'uko mubyumvise rwari rugenewe Afurika yose, tuzirikane ibyo yadukanguriye : abakristu tube umusemburo w'Afrika ijya mbere, Afrika izira inzara, amacakubiri, intambara n'ubukene. Twumve ko tuzabyigezaho dushyize hamwe, aho kuvuga ngo tuzabihabwa n'abandi. Maze kandi tunamenye ko Kristu wadupfiriye, akazuka, akaba ari muzima abana natwe yatugize abavandimwe. Ubuvandimwe bwacu ni imbaraga zizatugeza heza muri ubu buzima, na heza hashyitse mu buzima bw'iteka.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE

UBWIYUNGE NI UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KURI BURI WESE
(Igice cya gatatu)

Intambwe ya gatatu : KWIYUNGA N'ABANDI

Iyo hagize igituma abantu bavuga ku bwiyunge, igihita cyumvikana ni ukwiyunga n'abandi. Birumvikana kandi kuko ikibaye cyose kigaragarira mu mubano, cyaba ikiwunoza cyangwa ikiwangiza. Gusa rero nk'uko twabivuze mu nimero zibanziriza iyi, *kwiyunga n'Imana* no *kwiyunga nawe ubwawe*, ni intambwe ebyiri za ngombwa, zituma umuntu ashobora kugorora cyangwa kugarura umubano hagati ye n'uwamuhemukiye, cyangwa uwo yahemukiye.
Impamvu ari ngombwa kubiheraho n'ubwo abantu dukunze kubyirengagiza cyangwa kubyibagirwa, ni uko kwiyunga ari ugusubiza ibintu mu buryo. Ni ugutanga icyiza cyari cyarabuze. Urumva rero ko uwari warabuze Imana, na we akibura, ntacyo afite cyo gutanga. N'iyo yakigira, ariko yaburiye ku Mana no kuri we ubwe, urumva ko bitamworohera kubabarira kuzageza nibura kuri za nshuro ndwi Petero yisabiraga Yezu.
Niyo mpamvu rero ubwiyunge nyabwo ari ubushingiye ku mbabazi. Uwamenye Imana kugeza ubwo yumvise ko agomba kubona nka Yo ; akimenya kugeza ubwo yumva ko icyo yifuza ko abandi bamugirira, ari cyo na we agomba kubagirira (Mt 7,12), imbere y'inabi, ikimutanga imbere ni impuhwe. Kugira impuhwe ntibimubuza na gato kubabazwa n'ibibi yagiriwe, ari nabyo Petero yahereyeho abwira Yezu ati : « Nyagasani, uwo tuva inda imwe nancumuraho, nzamubabarire kangahe ? nzageza ku nshuro ndwi ? Aha yashakaga kwereka Yezu ko gutanga imbabazi ari byo, ariko ko kwihanganira inabi bigomba kugira aho bigarukira ! Yezu agiye kumusubiza, aramubwira ati : "Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi "(Mat 18,21-22). Mu yandi magambo, Yezu aramwereka ko natanga imbabazi kugeza ku nshuro magana ane mirongo icyenda, azaba yaramaze kumva ko kurangwa n'impuhwe n'imbabazi bizamuhingutsa ku yindi myumvire y'ubuzima, igirwa n'abiyemeza kwiyunga n'Imana kandi bakiyunga na bo ubwabo kugira ngo babeho barangwa n'ineza haba mu bihe byiza cyangwa mu bikomeye.
Nimube abanyampuhwe nk'uko So wo mu ijuru ari umunyampuhwe.
Aya ni amagambo Yezu ubwe atubwira, atwereka ko kugira impuhwe ari ugutora umuco wo mu ijuru, na We ubwe akesha Se ari we Data. Kubabarira uwaguhemukiye rero,ni no kwemera kudakoresha intwaro nk'iz'uwo muhemu; naho ubundi muba mubaye abahemu babiri. Ni uguhagarika icyo gihemu wirinda kumuhora ibyaha bye nk'uko Data wo mu ijuru ataduhora ibyaha byacu. Aya magambo tuyasubiramo buri munsi mu isengesho rya "Dawe uri mu ijuru". Kutamuhora ibyaha bye,nta kindi bigamije kitari ukumukangura ngo abone ko yibeshye abone ko nta nyungu n'imwe iva mukugira nabi. Uko kutitura inabi abayitugiriye, mu by'ukuri ni byo twita Ubucunguzi. Ukuducungura kwa Yezu utararangwagaho icyaha, ni uko kwemera kwikorera ibyaha by'abagome, we ari umwere: "Utigeze arangwaho icyaha, Imana yamugize impongano y'ibyaha, kugira ngo muri We duhinduke abatunganiye Imana" (2 Kor 5,21).

Nawe rero iyo ubabariye uwaguhemukiye uba ukoze igikorwa cy'ubucunguzi kuko umwenda w'inabi yari kukwishyura uwumuvanaho; ahubwo ukamuha impano yari yarabuze ari yo twita IMPUHWE.
Kubabarira rero ni ugukora nk'Imana yo yatubabariye muri Kristu, ikaba itakitubaraho ibicumuro byacu: "Uko biri kose, Imana ni yo yiyunze n'abantu bose muri Kristu, ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo (2 Kor 5,19) ikaba ari yo mpamvu Uwemera ko Imana ari Inyampuhwe

n'Inyambabazi aba ahagarariye Kristu agashingwa n'ubutumwa bwo kunga abantu na Yo (2 Kor 5,19-20).
Gusa rero hari abumva ko gutanga no gusaba imbabazi ari ubugwari; abandi bakabibonamo kutumva uburemere bw'icyaha cyakozwe.
Aha ni ukwibeshya kuko burya **imbabazi zigirira akamaro mbere na mbere uwazitanze.** Kuko aba yikuyeho uburemere bw'inabi yagiriwe, aho gukomeza kuyitaho no kuyitekereza, agahitamo kwita gusa ku cyamuha amahoro kikayaha n'uwamuhemukiye.

Buri wese azi ukuntu inabi ibitse mu mutima ariyo iryana kurusha ibindi byose. Iyo utaratanga imbabazi uba ugitsimbaraye ku nabi ikurimo, bamwe bikabatera igishuko cyo kwihorera ngo barebe ko byaborohereza;hari n'ababinanirwa babyifuzaga, kuko nta n'itegeko rishyigikira ukwihorera, ryaba iry'Imana cyangwa iry'igihugu. Abandi babika inabi bikabaviramo gucika intege no kwiheba; bakaba baheranwa n'umujinya n'agahinda, kandi ntawuyobewe ko agahinda, katica kagira mubi. Niyo mpamvu rero kubika inabi mu mutima nta mumaro, icyiza ari ugutanga imbabazi, ugatura mbere umutwaro wari ukurimo, ukaba unafashije uwaguhemukiye gutura uwe, umufasha kubona inabi yamuranze, no kumenya kuyivamo, na we akarangwa n'ineza, ubimuhayemo urugero.

Kubabarira kandi si ukwibagirwa igihemu cyangwa inabi wagiriwe kuko ibyakubayeho byose, ibyiza n'ibibi byagize icyo bikwigisha biguha amasomo utari ufite mu buzima. Ni ubunararibonye bushya byaguhaye. Kubyibagirwa rero byaba ari ubupfayongo kuko byaba ari nko kwibagirwa umwarimu wawe. Kubabarira rero si ukwibagirwa ahubwo ni ukwibuka neza. Ni ugusukura imyibukire yawe (Purification de la memoire). Kwibuka nabi ni bya bindi twavuze byo kugumana inabi ku mutima, ntikuvemo kandi ntigire n'icyiza ikuzanira; naho kwibuka neza, aribyo twise gusukura imyibukire (purification de la memoire), ni uguhindura akababaro mo imbaraga zo gukira ugendeye kuri cya kindi Yezu yavuze ngo "ishavu ryanyu nzarihinduramo ibyishimo" (Yh16, 20). Nta kindi uba ugiriye usibye kuba wibonera ko uwaguhemukiye atangana n'ikosa rye kuko n'Imana ubwayo itamutererana burundu. Mbese ni ukoza akabaye icwende, kagacya, kagashira n'umunuko. Ubwo rero wamwibuka wibuka n'ibibi yakugiriye, aho kumuvuma ukamusabira; ushishikajwe n'uko yahinduka, uhangana n'icyabimuteye aho guhangana na we ubwe.
Uwagiriwe impuhwe, cyangwa uwababariwe burya ni na we wumva neza uburemere bw'inabi yakoze, kuko apima urukundo agaragarijwe ku nabi yamuranze akaba ari bwo yumva ko yatannye kuko aba yeretswe icyo yabuze cyagombaga kumuranga. Ntawakwiyibagiza ariko ko hariho abica amatwi, cyangwa abanangira umutima bagatsimbarara ku mafuti yabo, aho kwicisha bugufi ngo basabe imbabazi z'ibyaha bakoze, ari ku Mana no kubo babikoreye.
Nanone rero nk'uko twabivuze k'uwahemukiwe; n'uwahemutse na we asabwa gutera za ntambwe ebyiri za mbere zo *kwiyunga n'Imana* no *kwiyunga na we ubwe*, kugira ngo yumve neza uburemere bw'ibyo yakoze ahemukira mugenzi we, yige n'uburyo bwo kubivamo.

Ikindi umuntu yakongeraho aha ngaha, ni uko udakeneye ko babanza kugusaba imbabazi kugira ngo ubone kuzitanga. Kuko twabonye ko uwa mbere bigirira akamaro, ari wowe uzitanze. None se utegereje ko aza kugusaba imbabazi ntazaze, wumva ko iyo nabi wabitse uzayitura ryari? Wowe tanga imbabazi naho uwahemutse yazigusaba cyangwa atazigusaba, icy'ingenzi ni uko azabona ko ufite ubushake bwo kumuha icyo umurusha, we yabuze ahemuka, akazumva atyo ko inabi itubaka isenya, hubaka ineza n'ubwumvikane.

Umuntu yavuga rero ko kubabarira atari ubugwari, ahubwo ari ubutwari bukomeye. Ni ubutwari kuko ari uguhora urwana na kamere yihutira guhora no kwihimura, ishaka kwitura inabi. Nibyo Yezu yasanze mu mategeko y'abayahudi, aho iryinyo ryahorerwaga irindi; ijisho rigahorerwa irindi, mbese ikibi wakoze kikagukorerwa cyangwa kigakorerwa uwawe; yasanze rero ibyo bidaca

urugomo n'amahane, abakangurira indi myumvire, abibutsa kudashyamirana n'umugiranabi, abigisha gukunda abanzi no gusabira ababatoteza (Mat 5,38-39.43-44). Ni inshingano itoroshye adusaba, niyo mpamvu twavuze ko ari ubutwari bukomeye. Yabiduhayemo urugero igihe yemera kubambwa ku musaraba azira ubusa; ariko aho kubasabira umuvumo no kubihimuraho kuko bitari kumunanira, abasabira imbabazi kuri Se agira ati: "Bababarire Dawe kuko batazi icyo bakora" (Lc 23, 34).
Ngaho rero wowe wari waratinye gutanga imbabazi kuko wumva uwaguhemukiye akurimo umwenda ukomeye agomba kukwishyura, wumuharire ugiriye ubuntu n'impuhwe uwaducunguye yatugaragarije kandi natwe akadusaba kumukurikiza. Ibuka kandi ko nawe utari miseke igoroye. N'ubwo waba wumva ko uwaguhemukiye ibye biremereye kurusha ibyawe, girira ko icyaha cyose cyaba igito cyangwa ikiremereye bidashimisha Imana, ahubwo niwumva uciye akenge kumurusha, umukangurire icyo umurusha cyafasha abantu kurushaho kunoza imibanire. Igihe Sawuli yahigaga Dawudi ngo amwice, Dawudi yamusanze ku musozi ahantu h'ubutayu aryamye kandi asinziriye, icumu rye rishinze ku butaka hafi y'umusego we. Umugaragu wa Dawudi aramubwira ati: "Uyu munsi Imana yashyize umwanzi wawe mu biganza byawe.None rero, reka mutere icumu rimwe rizira irya kabiri, maze mubambe ku butaka.Nuko Dawudi aramusubiza ati: "Sigaho kumwica! Yungamo ati: "Uhoraho azabimpore nindamuka nkojeje ikiganza ku wo yiyimikiye. None rero fata ririya cumu riri ku musego we n'igicuma cy'amazi maze twigendere.Barabifata barigendera koko.Nyuma rero aho Sawuli abimenyeye,yemera ko Dawudi amurusha imbaraga, maze araturika ararira, hanyuma abwira Dawudi ati: " Urandusha ubutungane kuko wangiriye neza, kandi jye narakugiriye nabi.Ariko wowe uyu munsi wangaragarije ubuntu wangiriye:ubwo Uhoraho yakunyeguriraga, maze ntunyice.Mbese iyo umuntu ahuye n'umwanzi we, aramureka akigendera mu mahoro? Uhoraho azakwiture ineza wangiriye uyu munsi." (1 Sam 24,17-20) uru ni urugero rw'imbaraga z'imbabazi. Nawe wari waratinye gusaba imbabazi abo wahemukiye, ibuka ko iyo nabi yakuranze igukururira umuvumo aho kuguhesha umugisha, igihe cyose utarabyicuza ngo bikubabaze, wumve ko bitari bikwiye, ubyemere kandi ubisabire imbabazi nka Sawuli.
Uzisabye ntuzihabwe ntiwazira icyo, nibura washimirwa ko wakoze icyo wagombaga gukora, upfa kuba ubikoze ubikuye ku mutima.

Muri make rero kwiyunga n'abandi ni uguha ineza rugari ikabyara impuhwe n'imbabazi mu mutima, bituma abagiranye ikibazo bongera kwita ku cyo bapfana cyari cyarabuze, bakarenga icyo bapfuye, bityo ineza igahabwa intebe kandi igashimangirwa; inabi igasenyerwa kandi ikamaganwa. Nanone ngo inshuti ebyiri zatemberaga mu butayu, mu gihe bajyaga impaka umwe akubita undi urushyi. Ukubiswe arazindara ariko ntiyagira icyo avuga, ahubwo yandika mu musenyi ati:"Uyu munsi inkoramutima yanjye yankubise urushyi." Barakomeza baragenda, baza kugera ku cyuzi, biyemeza kujyamo ngo boge.Wa wundi wari wakubiswe urushyi agiye kurohama mugenzi we aramusingira ntiyarohama.Amaze gutsimbuka, yandika ku rutare ati: "Uyu munsi inkoramutima yanjye yankijije kurohama".Wa wundi wari wakubise mugenzi we urushyi kandi agatuma atarohama, aramubaza ati: "Kuki nakugiriye nabi ukabyandika ku musenyi, nakugirira neza ukabyandika ku rutare?" Undi aramusubiza ati: " Umuntu najya atugirira nabi, tujye tubyandika ku musenyi, aho umuyaga w'imbabazi ushobora kubisibanganya. Ariko nihagira utugirira neza, tubisharage ku rutare aho umuyaga udashobora kubihanagura."

Tumenye rero kwandika ku musenyi inabi twagiriwe, tukamenya no kwandika ku rutare ineza tweretswe, nibwo twagera ku bwiyunge nyakuri tudatiza umurindi inabi twagiriwe, ahubwo duhangira inzira ineza twaremewe.

Padiri Emmanuel NYAMPATSI
Padiri Mukuru wa Paruwasi GISENYI

BIKIRA MARIYA ATWIGISHA IKI MU MWAKA WA LITURUJIYA
(Igice cya kabiri)

Intangiriro

Mu nyandiko iheruka twarebeye hamwe icyo Umubyeyi Mariya atwigisha mu gihe cya Adiventi na Noheli cyane cyane mu buryo bwo kumva no gutekereza, gufata umwanzuro mu buzima bwacu bwa gikristu, kwiyoroshya no gukunda, gushimira Imana ibyiza itugirira cyane ko Bikira Mariya atubereye urugero rw'ukwemera. Iyo nyigisho nziza ya Bikira Mariya niyo, ariko tubanje kwibukiranya Umwaka wa Liturujiya icyo ari cyo n'uburyo uteye.

Umwaka wa Liturujiya

Umwaka usanzwe ugira iminsi 365 cyangwa 366, mu byumweru 52. Umwaka wa Liturujiya na wo rero ungana n'umwaka usanzwe, ariko ntutangirira cyangwa ngo urangirire rimwe n'umwaka usanzwe. Umwaka wa Liturujiya utangira mu mpera z'ukwezi kwa cumi na kumwe, ugatangirwa n'igihe cy'Adiventi, ugasozwa n'umunsi wa Kristu Umwami.

Liturujiya ni iki ?

Mu gitabo cy'inyigisho za Kiliziya Gatolika, mu gika cyayo cya 1069, batubwira ko mbere na mbere Liturujiya bivuga « igikorwa rusange gikorewe imbaga ». Naho mu ruhererekane rw'ubukristu, Liturujiya bivuga ko imbaga y'Imana igira uruhare mu gikorwa cyayo cyo gukiza abantu. Ni muri Liturujiya ikorerwa muri Kiliziya, hamwe na Kiliziya, hifashishijwe iyo Kiliziya, Kristu ubwe, Umucunguzi n'Umuherezabitambo Mukuru akomeza igikorwa cyo gucungura abantu. (Catéchisme de l'Eglise Catholique n°1069).

Muri rusange, liturujiya ni uburyo bwo gusingiza Imana, bigakorwa mu buryo bw'Amasakaramentu uko ari arindwi, ndetse no mu buryo bw'amasengesho, Misa, umuhimbazo, indirimbo, bureviyari (bréviaire), mu buryo bw'imyiteguro n'isuku, ndetse no guhereza n'ibindi byose bifasha umuryango w'Imana kwitagatifuza.

Umwaka wa Liturujiya udufasha rero gusenga no gucengera amabanga yo gucungurwa kwacu, tukazirikana ku rukundo rw'Imana mu byanditswe bitagatifu, bigabanyijemo ibice bitatu. Nibyo bita umwaka A, B, na C.

Intondeke y'Umwaka wa Liturujiya

A. Igihe cy'Adiventi na Noheli.

●*Igihe cy'Adiventi (Avent) :* kimara ibyumweru bine. Igihe cy'Adiventi kitwibutsa gutegereza Umukiza, twigomwa, twambaza, twihana kugira ngo avukire mu mitima yacu.

Icyumweru cya 1 cy'Adiventi kirangwa n'imvugo ishushanya kandi ihishura ibihe bya nyuma: amaza n'ihindukira rya Nyagasani.

Icyumweru cya 2 n'icya gatatu, ibyanditswe bitagatifu bigaruka cyane kuri Yohani Batista integuza ya Yezu Kristu: "Habayeho umugabo woherejwe n'Imana izina rye rikaba Yohani, yazanwe no guhamya iby'urwo rumuri kugira ngo bose bamukeshe kwemera"(Yh1,6).

Icyumweru cya gatatu ariko gifite umwihariko wo kuba icyumweru cy'ibyishimo (gaudete): kwishimira ko Nyagasani ari hafi kuza rwagati muri twe.

Naho icyumweru cya 4, kigaruka cyane ku ivuka rya Yezu, bikagaragazwa n'Umumalayika usura Yozefu na Mariya: "Igihe yari akibitekerezaho, Umumalayika wa Nyagasani amubonekera mu nzozi aramubwira ati: "Yozefu, Mwana wa Dawidi witinya kuzana Umugeni wawe Mariya, kuko yasamye ku bwa Roho Mutagatifu (Mt1,20).

Muri iki gihe cy'Adiventi ni bwo twizihiza kandi Umunsi Mukuru wa Bikira Mariya utarasamanywe icyaha, uba ku ya 8 Ukuboza. Bikira Mariya rero ashushanya Yeruzalemu yishimiye kubona umukiro maze igatera akamo k'ibyishimo igira iti: "Ndasabagizwa n'ibyishimo muri

Uhoraho, umutima wanjye uhimbajwe n'Imana yanjye, kuko yanyambitse umwambaro w'umukiro, akansesuraho umwitero w'ubutungane. "Nishimye nk'umukwe utamirije ikamba rye cyangwa umugeni witatse imirimbo ye"(Iz.61,10).

●*Igihe cya Noheli :* Noheli itwibutsa ivuka rya Yezu, Emanueli: Imana turi kumwe. "Koko Umwana yatuvukiye twahawe umuhungu, ubutegetsi bumuri mu bitugu. Ahawe izina: Umujyanama w'agatangaza, Imana idahangarwa, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro"(Iz19,5). Igihe cya Noheli kandi kigizwe n'uruhererekane rw'iminsi mikuru. Iyo minsi mikuru ni iyi: Umunsi Mukuru w'Umuryango Mutagatifu, Umunsi Mukuru w'Ubunani (Nouvel an), Umunsi Mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani (Epiphanie du Seigneur) uba ku cyumweru cya kabiri gikurikira Umunsi Mukuru wa Noheli.

B. Icyiciro cya 1 cy'igihe gisanzwe.

Gitangira ku cyumweru cya 3, Noheli ibaye, ari nawo munsi Mukuru wa Batisimu ya Nyagasani, kikarangira ku wa 3 w'ivu (Mercredi des cendres).

C. Igihe cy'igisibo gitegura Pasika

● *Igisibo gitangira ku wa gatatu w'ivu*. Twibuka iminsi 40 n'amajoro 40 Yezu yamaze mu butayu asenga, atarya kandi atanywa. Bityo umukristu ukoze igisibo neza akarangwa n'imigenzo myiza yo gusiba, gusenga, kwihana n'ibikorwa by'urukundo (le jeûne, la prière, la pénitence et les oeuvres de charité). Kimara ibyumweru 5, icyumweru cya 6 n'icyumweru cya Mashami (Dimanche de rameaux), ari nacyo gitangira icyumweru gitagatifu.

● *Igihe cya Pasika (Temps Pascal):* gitangira mu gitaramo gitagatifu cya Pasika (kigatangirwa n'icyishongoro: Imana nisingizwe mu ijuru) kikageza ku munsi mukuru wa Pentekositi. Igihe cya Pasika kigizwe muri rusange n'ibyumweru 7; icyumweru cya 1, ni umunsi wa Pasika nyirizina, icya 2, ni icyumweru cy'impuhwe z'Imana.

Naho icyumweru cya 4, ni icyo kuzirikana ku ihamagarwa (journée des vocations). Ku wa 4 w'icyumweru cya 6 (ni ukuvuga ku munsi wa 40 nyuma ya Pasika)ni umunsi w'Asensiyo (ascension): Yezu asubira mu ijuru. Uyu munsi kandi ushobora kwizihizwa ku cyumweru cya 7, iyo bitashobotse ko wizihizwa ku wa 4.

Icyumweru gikurikiyeho ni umunsi mukuru wa Pentekositi: Roho Mutagatifu amanukira mu mitima y'intumwa. Wizihizwa ku munsi wa 50 Pasika ibaye.

D. Igice cya 2 cy'igihe gisanzwe:

Iki cyiciro, gitangira nyuma y'umunsi wa Pentekositi, tugakomereza kuri cya cyiciro cya 1 twahagaritse mbere y'igisibo, tukazagisoza ku munsi wa Kristu Umwami. Muri iki gihe Kiliziya yizihiza iminsi mikuru ikurikira :

1. Umunsi mukuru w'Ubutatu butagatifu
2.Umunsi mukuru w'Isakramentu ritagatifu
3.Umunsi mukuru w'Umutima mutagatifu wa Yezu,
n'Umutima utagira inenge wa Bikira Mariya.
4.24/06 : Umunsi w'ukuvuka kwa Yohani Batisita
5.27/06 : Abatagatifu Petero na Pawulo
6.06/08 : Yezu yihindura ukundi
7.15/08 : Bikira Mariya apfa akajyanwa mu ijuru
8.14/09 : Ikuzwa ry'Umusaraba
9.01/11 : Umunsi mukuru w'Abatagatifu bose
10.02/11: Gusabira abakristu bose bapfuye
11.09/11: Itahwa rya Kiliziya ya Laterani
12.21/11: Bikira Mariya aturwa mu Hekaru.

Bikira Mariya atwigisha iki mu gihe gisanzwe

Aha ngaha turavuga icyiciro cya mbere cy'igihe gisanzwe. Igihe gisanzwe ariko, ntibivuga ko umukristu akora ibyo yishakiye, cyangwa ngo ashyire imbaraga nke mu bukristu bwe. Si igihe cyo kubaho nka bimwe abantu bikinira bagira bati:"ni ibisanzwe nka Misa ya mbere". Ahubwo ni igihe cyo gushyira mu bikorwa no kugaragaza ko ibyo twavomye mu bihe bikomeye (temps forts) byatugiriye akamaro. Ni igihe cyo gukorana urugendo rw'ubukristu n'Umucunguzi wacu: Imana rwose n'Umuntu rwose, ariko kandi tukabifashwamo n'Umubyeyi Bikira Mariya. Ku bw'ibyo rero; twibuka kandi tukarangamira Kristu twisunze Bikira Mariya, tukamenya Kristu tunyuze kuri Bikira Mariya, tukigana uburere, uburezi n'umuco Yezu akomora ku babyeyi be, bityo tukishushanya na We, tukamwambaza kandi tukamwamamaza twisunze Bikira Mariya.

1°. Kwibuka no kurangamira Kristu twisunze Bikira Mariya

Bikira Mariya ashishikaza buri gihe abemera "amayobera" y'Umwana we, akifuza ko bayarangamira kugira ngo abagwirize imbaraga zibakiza. Iyo imbaga y'abakristu ivuga Rozari, iba ihuje by'umwihariko na Bikira Mariya wibuka kandi ushengereye Umwana we. Niyo mpamvu imibereho ya Bikira Mariya yaranzwe no kwibuka. Nyamara uko kwibuka si uko mu gihe cyahise gusa na n'ubu birakorwa, tukabigira ibya none ndetse tukabigira ibyacu cyane cyane muri liturujiya. Koko rero iby'Imana yakoze mu binyejana byahise, ntibireba gusa ababibonye icyo gihe, ahubwo ku bw'ineza y'Imana bigera ku bantu bo mu bihe byose.Bityo, iyo tubyibuka tubigiranye ukwemera n'urukundo biduha kwakira ingabire Yezu Kristu yaboneye mu mayobera y'ubuzima, urupfu n'izuka bye.

Inama Nkuru ya Vatikani ya 2, mu nyandiko yayo ku byerekeye liturujiya, mu ngingo ya 10; itubwira ko "Liturujiya ari igikorwa kirangirizwamo ubutumwa bwa gisaseridoti bwa Kristu n'umurimo musingiza Mana w'abantu, ikaba n'iherezo ry'ibikorwa bya Kiliziya n'isoko ivubukamo imbaraga zayo zose"(Sacrosanctum Concilium n°10). Byongeye kandi niba liturujiya ari igikorwa cya Kristu kandi gitanga umukiro, iyo tuvuga Rozari nk'igikorwa cyo kuzirikana kuri Kristu na Bikira Mariya, ni ukurangamira agakiza. Uwo Mubyeyi Mariya ni We wahangaga amaso Kristu, na buri jambo rye rikamubera ubukungu: "yashyinguraga byose mu mutima we akabizirikana"(Lk2,19;51). Bityo rero urwibutso rw'imibereho ya Yezu rwishushanyije mu mutima we, ruramuherekeza mu bihe byose, rukamufasha kuzirikana bundi bushya ibihe bikomeye kandi binyuranye by'ubuzima bw'Umwana we. Nuko rero umwigishwa wa Kristu agomba guhanga amaso uruhanga rwa Kristu, kubona iyobera rye mu buzima busanzwe no mu bubabare bwa kamere muntu ye, kugeza aho ubwiza butagatifu bugaragariye mu Uwazutse agahabwa ikuzo iburyo bwa Se. Uwo ni we Petero, Yakobo na Yohani barangamiye igihe yihinduye ukundi mu maso yabo. (Mt17,2).

2°. Kumenya Kristu tunyuze kuri Bikira Mariya

Iyo Pawulo Mutagatifu abaza ati: "bakwiyambaza bate rero uwo bataremera? Bakwemera bate se uwo batarumva? Bamwumva bate ntawamwamamaje? Bamwamamaza bate batatumwe?"(Rm10,14), aba agaragaza ko Kristu ariwe mwigisha w'ukuri, uhishura iby'Imana kandi akabihishurisha imibereho ye. Tugomba kumenya rero ibyo yatwigishije kandi tukamumenya We ubwe: ubuzima bw'iteka ni uko bose bakumenya, wowe Mana nyakuri n'uwo watumye Yezu Kristu(Yh17,). Ninde mwigisha muri urwo rwego waba umuhanga kurusha Bikira Mariya ?

Gutozwa na Bikira Mariya ni ishuri rihamye, kuko mu kutwigisha anaturonkera ingabire nyinshi za Roho Mutagatifu, akatubera n'urugero rutagereranywa rw'ukwemera. Kuri buri yobera ry'Umwana we adutoza kubaza ibibazo bitugeza ku rumuri, nk'uko nawe yabikoze igihe amenyeshwa ko azabyara Umwana w'Imana: "bizashoboka bite ari nta mugabo ngira"(Lk1,).Ibyo bigaherukwa n'ukumvira kurangwa n'ukwemera nk'ukwe igihe agize ati:"Ndi Umuja wa Nyagasani byose bibe uko ubivuze"(Lk1,38). Bityo rero Bikira Mariya atwigisha kumenya Yezu no kugendana na We mu buzima bwacu igihe atubwira nk'abahereza b'i Kana ati:"Icyo ababwira cyose mugikore"(Yh2,5).

3°. Uburere, uburezi n'umuco tuyobowe na Bikira Mariya.

Yezu yarerewe i Nazareti mu Galileya mu rugo rwa Yozefu na Mariya. Muri iki gihe hari ababyeyi benshi bigira ntibindeba ku burere, uburezi n'umuco by'abana babo; hari kandi n'abana batacyumvira, batacyubaha ababyeyi babo. Yezu we imico myiza myinshi ayikomora kuri Yozefu na Mariya: igihe Bikira Mariya amubyariye i Betelehemu, yahoraga ahanze amaso uruhanga rwe, akamwonsa, akamworosa utwenda, akamuryamisha mu kavure.Rimwe na rimwe akamureba anamwibazaho. Igihe bamutuye Imana mu ngoro bifuzaga ko yakwegurirwa Imana (Lk2,7.48). Bahoraga rwose bita ku buzima bwe: igihe Herodi ashaka kumwica bamuhungishirije mu Misiri; igihe azimiriye i Yeruzalemu basubiye kumushaka. Bamubonye bamubwiranye indoro yuje urukundo: "Mwana wanjye watugenje ute "(Lk2,48). Iyo aba Umubyeyi w'iki gihe aba yaramututse, yaramukubise ndetse akanamwihanangiriza.Bikira Mariya yari afite indoro icengera, ishobora gusesengura ibyihishe mu mutima wa Yezu, kumenya ibitekerezo bye no guhishura icyo yifuza nko mu bukwe bw'i Kana(Yh2,5). Nta gushidikanya kandi ko Yezu yabanaga n'ababyeyi be akabafasha buri munsi. Nguwo Yezu wumvira, wubaha kandi ushishikajwe no gufasha ababyeyi be; byose akabikesha uburere, uburezi n'umuco ababyeyi be bamutoje.

4°. Kwishushanya na Kristu twisunze Bikira Mariya.

Bikira Mariya aba muri Kristu kandi akaberaho Kristu. Bityo, uko umuntu arushaho kwiyegurira Bikira Mariya, ni nako arushaho kwiyegurira Yezu Kristu. Muri Rozari turonka imigenzereze ya gikristu, ishingira ku kurangamira ubudahwema uruhanga rwa Kristu twisunze Bikira Mariya. Tukaganira, kandi tugaharanira gukurikiza urugero rwe rudusaba kwishushanya na We nk'"incuti"magara.Ubwo bucuti butuma twinjira ku buryo bworoshye mu buzima bwa Kristu,tukagira ibitekerezo nk'ibye.

Ku bw'iyo nzira yo kwishushanya na Kristu dukesha Rozari, twiragiza by'umwihariko Umubyeyi Mariya, Nyina wa Jambo akaba n'Umubyeyi wa Kiliziya. Bityo, akomeza kubyarira Kiliziya abana, aribo "mubiri" mayobera w'Umwana we.Ibyo abikora igihe adusabira ku Mana ngo turonke imbaraga zidakama za Roho Mutagatifu.

5°. Kwambaza no kwamamaza Kristu twisunze Bikira Mariya.

"Musabe muzahabwa, mushakashake muzaronka, mukomange muzakingurirwa"(Mt7,7). Ishingiro ry'ububasha bw'isengesho ni ubugiraneza bw'Imana. Data udukunda, ariko kandi Yezu Kristu utuvugurura na We afite uruhare rutagereranywa We ugira ati: "aho ababiri cyangwa batatu bateraniye banyambaza mba ndi hagati yabo".

Ku bw'ibyo nyine, Umubyeyi Bikira Mariya aratugoboke kugira ngo ashyigikire isengesho Kristu na Roho Mutagatifu bashyira mu mutima wacu. Byongeye kandi burya isengesho rya Kiliziya risa nirishyigikiwe n'irya Bikira Mariya. Ivanjili itugaragariza ku buryo bunoze ububasha bw'ubuvunyi n'ubuvugizi bwa Bikira Mariya, uvuganira abantu kuri Yezu akamubwira ibyo bakeneye: "Nta Divayi bagifite"(Yh2,3); bityo rero igihe tumwiyambaza muri Rozari ntagatifu, Bikira Mariya aba aduhagarariye imbere y'Imana Data yamuhundagajeho ingabire, n'imbere ya Mwana yibyariye, asenga hamwe natwe kandi adusabira.

Twakwamamaza dute rero Kristu twisunze Bikira Mariya ?

"Kuko niba wamamarisha umunwa wawe ko Kristu ari Nyagasani uzarokorwa...
Umuntu yamamarisha umunwa bikamuha uburokorwe"(Rm10,9-10).

Rozari ni isengesho ikaba n'inzira yo kwamamaza ubutumwa no kubushimangira; muri iyo nzira niho hari inyigisho irangwa n'isengesho ryo gusaba no kurangamira.Iyo nyigisho kandi igamije guhindura umwigishwa nk'uko Kristu abishaka. Koko rero mu kuvuga Rozari harimo iby'ingenzi byose bituma iba isengesho ryo kuzirikana, igihe bihawe agaciro bikwiye. Rozari ya Bikira Mariya ni « incamake y'ivanjili ». Ni yo mpamvu uyivuze azirikana,akayiha agaciro ikwiye, ayironkamo isomo ry'Iyobokamana rikomeye kandi risobanutse neza.

Umwanzuro

Inyigisho ya Bikira Mariya mu gihe gisanzwe irarambuye rwose: idukangurira binoze iyobera ry'ukwigira umuntu kw'Imana, maze uko umuntu agenda acengera iryo yobera akaba ari nako yunguka ibitekerezo bihamye mu gushyigikira urugendo rwe rw'ubukristu.Icyo gihe umukristu arakura agahamya ibirindiro muri Yezu Kristu, agasagamba rwose, aka ya mbuto ya Sinapisi, ibibwa ari ntoya cyane maze ikavamo igiti cy'inganzamarumbo (Mt13,31-32).

Mu gihe gisanzwe rero umukristu wese asabwa gukoresha neza imbaraga aronka mu bihe bikomeye twavuze mu ntangiriro; kugira ngo zimurumbukemo imbuto akesha kwibuka Kristu,kumurangamira no kumumenya by'ukuri, bigatuma amwambaza, akanamwamamaza abikesha kwa kwishushanya na We, yisunze Umubyeyi Bikira Mariya.Icyo rero kikaba ikintu cy'ingenzi kiranga umutima wa gikristu n'umugambi w'umwigishwa wo guharanira buri gihe kwishushanya n'Umwigisha we, bityo umukristu akagira amatwara ahuje n'aya Kristu ubwe (Fil 2,5).

Fratri Théoneste NZAYISENGA.

Ibitabo byifashishijwe

1. Bibiliya Ntagatifu
2. Cathéchisme de l'Eglise Catholique, traduit à Bujumbura, Mai 2000.
3. Les 16 documents conciliaires. Constitution sur la liturgie, Montréal-Paris,1993.
4. Ibaruwa « Rosarium Viriginis Mariae » ya Papa Yohani Pawulo II .
5. Ordo Liturgique, année 2008-2009 (B).
6. Léodegard NIYIGENA, Abato na bo baba abatagatifu, Nyakibanda 2007.

IJAMBO RYA PADIRI MUKURU WA SEMINARI KU MUNSI MUKURU WA MT PIO WA X.

Nyiricyubahiro Musenyeri, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo,
Banyacyubahiro Basaserdoti,
Banyacyubahiro Bihaye Imana,
Banyacyubahiro Bayobozi mu nzego zitandukanye,
Bashyitsi bahire namwe basangwa,
Babyeyi, barimu, barezi, banyeshuri, baseminari.

Twishimiye uyu munsi muhire duhimbaza umunsi mukuru wa Mt Pio X. Turashimira Imana yo yaduhuje uyu munsi mu byishimo kandi turabashimira mwe mwese mwaje kwifatanya natwe.

Ubundi umunsi mukuru wa Mt Pio X uba tariki 21/08 muri Kiliziya ku isi hose. Twahisemo kubatumira kuri iyi tariki ya none, kugira ngo dufatanye kwishimira ibyo twagezeho, tunababwire uko duhagaze na gahunda dufite muri ibi bihe biri imbere.

Uyu mwaka dufite abana 190 bafashwa n'abarezi 16 harimo abapadiri 4 n'umufaratiri umwe uri muri stage. Hari n'abandi bakozi bagera kuri 30 batwunganira mu mirimo inyuranye. Mu cyiciro rusange dufite abanyeshuri 123, mu cyiciro cya kabiri: Section Latin Bio Chimie ni 67. Turashimira ubwitange bwa buri wese mu mirimo ashinzwe, umwete n'ubwitange bakorana.

Turashimira Diyosezi ya Nyundo yigomwa byinshi kugira ngo abana bacu bige neza, turashimira Ministeri y'Uburezi idahwema kwita kuri iri shuri yifashishije inzego zayo zose n'Ubuyobozi bwa Leta muri rusange. Turashimira ubufatanye bw'ababyeyi batuba hafi, tukuzuzanya mu guha abana bacu uburere bunoze.

Twiyemeje kudaca intege abo bose batwitangira.Bimwe mu bipimo bigaragaza uko duhagaze ni imitsindire mu bizami bya Leta. Twahize gutsinda 100% ari muri T.C, ari muri Section-Latin Bio-Chimie. Atari ugutsinda gusa, ahubwo gutsindana amanota meza aduhesha ishema mu ruhando rw'andi mashuri mu Rwanda hose.

Intego twihaye turi kuyigeraho. Muri iyi myaka 8 ishize, muri T.C. higeze gutsindwa umwana umwe gusa, naho muri section muri iyi myaka 8, hatsinzwe 2. Guhera muri 2005 ho ni 100% nsa nsa!

*Muri T.C.2006 : Batsinze bose twabaye 2è/486(amashuri) : moyenne 7.12
*Muri T.C.2007 : Batsinze bose twabaye 4è/535(amashuri) : moyenne 6.49
Umwana wacu HATEGEKIMANA Innocent aba 17è/46.724 n'amanota 9,3. Nko mu isomo rya Chimie : 17/23 bafite A.
*Muri Section Latin Bio Chimie : 2007 batsinze bose 33/33.
Mu mashuri yose yakoze ibizami bisoza amashuri yisumbuye uko ari 281 turi aba 11, naho mu mashuri afite ishami rya Bio Chimie turi aba 4 mu Rwanda. TWAGIRAYEZU Gaspard wagize 9,3 ni uwa mbere mu Rwanda mu banyeshuri bigaga Bio Chimie, MASOMO Pio wagize 9,1 ni uwa kabiri mu Rwanda. Iryo shuri ryagize 5 distinctions, 30/33 babonye bourses muri université za Leta. Batatu bageze muri Etats-Unis d'Amérique. Barindwi bumvise ijwi ribahamagarira kwegurira ubuzima bwabo Imana baba abapadiri, ejo bagiye gutangira mu Iseminari Nkuru ya Rutongo. Mu basaserdoti 7 Diyosezi yacu yungutse muri uyu mwaka, 6 banyuze mu Iseminari yacu. Ni nde utabyishimira ?

Ibyo byiza twashoboye kugeraho tubikesha ubwitange bw'abarezi baba hafi y'abanyeshuri, abanyeshuri bazi icyabazanye na gahunda y'urugo ituma nta munota n'umwe upfa ubusa. Gahunda zose ziba ziteguwe neza kandi zihuriza mu kubaka umuntu muzima, umunyarwanda ufite ubwenge, imbaraga zo guhangana n'ibibazo biriho muri iki gihe : turasenga, tukiga, tugakora imirimo y'amaboko, tugakina, tukidagadura. Abarimu bakora muri Départements : Latin , Musique ,

Sciences exactes, Langues modernes et Sciences humaines, Sports et Loisirs. Usibye amasomo, abana bagira byinshi bibahuza kandi buri huriro rifite umurezi urishinzwe :
* hari imiryango y'urubyiruko 9 : action catholique et groupes de prières : Xavéri ,…
* hari za Clubs 7 : Anti-Sida, Unité et Réconciliation,…
* hari amakipe : Foot, Basket, Volley, Hand, Karaté, Acrobatie, ahagaze neza.

Ibyo byose bihuza abana nyuma y'amasomo tubikomeyeho kuko naryo ari ishuri bigiramo kubana, kubahana, gukundana. Bituma badata igihe mu bidafite akamaro cyangwa ibyasenya imibanire myiza y'abantu, nk'amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside n'izindi ngeso mbi.

Turifuza guhora ku isonga mu gutanga uburere bwiza bushingiye ku bukristu, ubumenyi buhanitse n'umuco utajorwa. Formation intégrale de l'homme : développer tout l'homme : intelligence – cœur, corps – âme, liberté – responsabilité, autonomie – solidalité. (Byose bikajyana ntakiryamiye ikindi).

- Dufite intego yo gukomeza guharanira kuba indatwa mu guharanira ubuzima bwiza bw'abana bacu, twihatira isuku no kwita ku bidukikije. Tuzabigeraho tubiharaniye kuko dufite inzitizi nyinshi muri urwo rwego. Sebeya idutera iyo imvura yaguye ari nyinshi, canalisations z'amazi zitameze neza, igisenge cy'amazu yacu gishaje cyane gikenewe gusimburwa, amazi ya Aquavirunga n'amashanyarazi ya Electrogaz bihenze cyane, ubukene bw'ababyeyi batabona n'uduke tubasaba ngo bunganire Diyosezi, ibiciro by'ibintu bizamuka buri munsi, urugo rutazitiye neza, muri iyi minsi abajura batumereye nabi (ndetse no muri iri joro)…Ibyo byose ntibiduca intege.
-Dufite intego yo gufasha abana bacu gukomeza gutsinda neza, bose bakabona amanota abahesha bourse mu mashuri makuru ya Leta. Ugiye muri Seminari Nkuru akaba ari uhisemo atari uhunga ubushomeri, akaba afite ubuhanga butuma yiga neza Philosophie na Théologie n'andi masomo ateganijwe mu iseminari, afite ukwemera, ubwitonzi bubakiraho.
Ntituzatezuka gutsinda 100%. Tuzakomeza guteza imbere ICT. Ministère y'uburezi yaduhaye mudasobwa 10, incuti zo muri Luxembourg ziduha 10, abarimu twishyize hamwe twigondera internet iduhenze. Nidufashe mu kunoza imyigishirize, n'imyigire y'abanyeshuri, tube abashakashatsi. Muri urwo rwego dufite inzitizi za entretien z'imashini zihenze. Twihatire indimi zikoreshwa mu myigire, tuzikeneke : Ikilatini, Icyongereza, Igifaransa.
- Tuzakomeza gahunda yo gutanga uburere bunoze, ubupfura, no gutegurira u Rwanda rwacu, Kiliziya yacu abasore batojwe kubaha Imana, kuyisenga no kuyiha umwanya w'ibanze mu buzima bwabo, abanyarwanda biyubashye, bubahana, barenze ibintu byose bibatandukanya ahubwo bubakira ku bibahuza mu bwuzuzanye, abasore bumvise ibyiza dukesha ubumwe, ubwuzuzanye, umurimo ukoze neza, gukunda Kiliziya n'Igihugu. Izo gahunda muzazidushyigikiremo buri muntu mu rwego arimo n'ubushobozi afite.

Mutagatifu Pio X duhimbaza uyu munsi azakomeza atubere umuvugizi n'umurinzi. Akiri muto yabonye igikwiriye n'igihesha agaciro ubuzima bwe, aba umwana uzi icyo ashaka kandi akagiharanira atizigama, mu bihe bikomeye yabaye intwari arwanira Kiliziya ishyaka. Nabere urugero abana barererwa hano n'abarezi babarera, abere urugero abatuye uru rugo rwacu n'incuti zarwo.

Nyiricyubahiro Musenyeri, Banyacyubahiro mwese, bashyitsi bahire, namwe basangwa, turangije tubashimira mwebwe mwese mwaje kwifatanya natwe kuri uyu munsi w'ibyishimo. Mukomeze mugubwe neza mu i seminari yacu.

Umunsi mwiza wa Mt Pio X. Mugire amahoro y'Imana.

Padiri Vincent HAROLIMANA
Umuyobozi wa Seminari.

INKERA Y'ISHYA

Dominique NGIRABANYIGINYA

1. Aniverseri nziza Mwiru mukuru cyane.
Impundu z'urwungirane Mushumba
uribagije Nyundo.

2. Bupfura bwanyuze Abagoyi, Gitabo cyuzuye
Ivanjiri, akira ibi birori biyegayega
nk'inyanja.

3. Reka wogezwe n'amashuri Rebero ry'Iyaduhanze.
Seminari nziza zingiro ry'umusozo
Ibaye isata y'urwego. Ikuzo ryayo ntiricurama,
inkike zayo ni uburezi,
imbariro zayo ni ubudahigwa.

4.Si ukuriranya amagambo, imigabo yawe
ntidohoka, na Kompanyi yose y'Abayezuwiti yabishinga :
« Ntuzi kwica indangano, uri intwari iheta ibigembe ».

5. Iyo uwakubyaye akuraze ikintu, nawe ukishyura abo wahetse.

6. Nguwo umurimo uhanze amaso, ntiwakwicara ngo bikunde.

7. Komera ! Iyo usenga irakumva, itatse ibambe,
kandi irusha ihinda ingoga.

8. Eccelenza Monsignore Aleksi Habiyambere,
Sacerdote magno, metropolita di Kayanza :
i nostri sentiti ringraziamenti per la sua gradita
visita. Tanti auguri per anniversario
suo undicesimo di vita vescovile.
Sempre avanti.

9. Hora uratwa mu bitaramo uri intwari itabaririzwa.
Ubwo wamamajwe n'ubumanzi komeza
wûsire impundu muri Nyundo yuje urugwiro.
Hora ushira ubwoba muri rurindi Manzi badakorera.
Wahanganywe ubugabo bushyitse nta nganizi
mwicarana. Ucisha ukubiri n'umuco
ukuremye aba yirandura imizi akuma.
Ni ugutema ishami yicayeho rikamugwana
igiti kicyemye.

10. Twebwe Intambiramihigo zawe tuzira
guhuna no kuba nk'icyagumbwa mu murima.
Miryango ihuje intego ikaba itaramiye
Rudasumbwa, ngo amata abahaye murayahorane
ntimukarare amata mu Rwanda. Cyo
nimuzose umurishyo urenge turare inkera y'ishya.

N.B: Iyi ndirimbo, abaseminari bo ku Nyundo bayiririmbiye Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, kuwa gatandatu tariki ya 04.10.2008, bishimira imyaka 11 Musenyeri amaze ayoborana ubushishozi Diyosezi ya Nyundo, kandi bamwifuriza ishya n'ihirwe. Tariki ya 04.10.2008, Seminari Nto yo ku Nyundo yahimbazaga umunsi mukuru wa Mutagatifu Piyo wa 10, Umurinzi n'Umuvugizi wa Seminari.

GATEMERI GATATSE

Mubyeyi muzira guhandwa
Piyo mubyeyi dukunda
Seminari iseruka ikeye
Cyusa cyiza serukana ishimwe
5.Tega yombi wumve ishimwe

Ntarahirwa ngo ngusange
Nta mutuzo nagiraga
Nta mutekano nacuraga
Nacuragiraga bucucu
10.Nkanicara ahadakeye

Bitotsi bidatokoza
Bushyuhe bubikira
Ubukonje bukubana
Mafu afutsa umutima
15.Umubabaro utwugarije

Gatemeri gatatse
Imana yatatse ikamba
Ruhimbi rudahirima
Rukaduhaza ubuzira cyena
20.Ngushimire ngire kenshi

Ibyiza byinshi dutunze
Wadutuye dutuje iwawe
Ukadutaka umubiri wose
Ukaduhaza urungana byose
25.Ngushimire uko ngusanga

Udusanganiza urugwiro
Ukadusekera bisesuye
Tukagusangana urukundo
Rukondeye urukumbuzi
30.Ngushimire ugashire.

Ngushimire ibyo wampaye
Nawe Musenyeri dukunda
Kenyera kenyera neza
Ukindikize izo nkindi
35.Ukingure udakinga.

Iteto utoshye ni ubutore
Ngaho ku bw'ubushake
Tega yombi wumve ishimwe
Nguture ituro ridatuba
40.Nawe Komayombi urabikwiye.

Cyusa cy'abatabazi
Cyitatire cya Mutabazi
Rwemo ruzira icyena
Rwema yatatse ikamba
45.Kenyera komeza nibwo butwari.

Ntore izira ubusembwa
Ntore igira ubutore
Ngabo ihorana ingoga
Shyanga rishyamba intashyo
50.Amashyo yose naguturwe.

Icyo ntagukinze ni icyo
Singukinze irenga
Irengero rigana ingoma
Ungana ingoma igihumbi
55.Uhumbagije iyo mu mpinga.

Ngushimire mutonesha
Ubutoni buhora butoshye
Udutonesha udatinda
Ukadutura ibitunganye
60.Ukatunganya Iyaduhanze.

Nguharire mubyeyi
Ibigwi biruta ibindi
Ngutake zitarake
Nguture ituro ridatuba
65.Ngutanage amatakwe.

Ngutamirize irihe kamba
Ngukenyeze iyihe nkindi
Inkundura y'iminsi itaraza
Ngo inzimye insibe amaso
70.Ntagusigiye ishema ukwiye.

Ngutake ngutanage
Nkuvuge nkwivugire by'ingabo
Wowe ngabo ingana iyambyaye
Ngabe ugabirwe ihirwe
75.Amagara yanjye ataraganzwa.

Ndagana mu iyi ngando

Ngenda ngana urukundo
Ndagana mu iyi nganzo
Ngenda ngana urugendo
80.Ngo nshime nyir'urukundo.

Waradukunze mico y'abeza
Turagukunda kagire ibyiza
None rero Micomyiza
Ngiryo ishimwe ry'abeza
85.Mvanye aheza iyo mu ihezwa.

Ngutuye ntatubya mubyeyi
Iteto rizira gutuba
Ryo guhora uri itara
Ukaba urumuri rutazima
90.Ukaba isoko y'ubuzima.

Iteto uhora uduhunda
Urukundo uhora udukunda
Rukwiye ingando y'Iseminari
Bigirumwami yahaye Umwami
95.Piyo iteka ahora ayirinze.

Isumo isuma ubutoni
Yansamiye mu nzira ngenda
Seminari turagushima
Gahore uratwa i Rwanda
100.Gahore ushimwa amagana.

Ubwuzu buzira ubwoba
Nuje nkimara kuza
Nkagusangana isari inshaka
Iyi insanganiza urukundo
105.Nzakundwa ubuzima bwose.

Impuhwe zizira guhunga
Nuje nkigera Nyundo
Ukadusiga bizira umwera
Byerekanye urukundo
110.Wadukunze bizira umwaku.

Urukundo rw'ineza
Runeza abazira ineza
Rwanshimbye inshyimbo
Runshyingura mu ishyamba
115.Runshingira impumbya.

Byinshi nkibyo nkindi
Nkindikira ndi wese
Nkanesa nagaba impano
Nari kugabirwa kera kose
120. Iyo mpigu igabwa impinge.

Seminari saso y'ubutore
Seruka neza nkuko usanzwe
Urerere u Rwanda n'Iyaduhanze
Ibyo ukora byose ni intsinzi
125.Hose uranze ubaye ubukombe.

Si igikabyo ngo nikuze
Si indirimbo inogeye amatwi
Si n'impanuro y'ibyahise
Ni ukuguhamya cyusa
130.Cyesa umuhigo i Rwanda.

Amatwara yawe atwara bose
Kuba amasimbi iyo mu gikombe
Gutsindisha benshi beza
Kurera neza bizira umwaku
135.Ugahira uhanze i Rwanda.

Simpakana impamo i Rwanda
Uwakubaza abatakuzi
Akakubaza abakuzi
Abakunzi bangana abagenzi
140.Ngenda ngana iyo nganzo.

Ntacyo mbona ngutaka
Ngutatse iteto utoshye
N'abatakuzi i Rwanda
Babaze Piyo mubyeyi mwiza
145.Bigirumwami komerwa yombi.

Seminari seruka neza
Nguture ishimwe ga nyagushimwa
Piyo mbyeyi ivumera
Aho wicaye ijabiro uganje
150.Ganza nganze niwo munani.

Piyo mubyeyi mwiza
Waragijwe benshi beza
Byinshi byiza nk'ibyo

Serukana ishema ushamaje
155.Kimbagira gitwari.

Watubereye itara ryaka
Wabaye umutako utatse
Wambitswe ikamba ryera
Twera tugana abera
160.Piyo nyamibwa nshima.

Shimwa ga nyagushimwa
Twagushimye kuba umutako
Tuba umutako utatse i Rwanda
Aho unyuze hose ni seminari
165.Ngiyo intero i Rwanda.

Ndabyina nsohoka neza
Ndacunda ikimuri neza
Ndagena inzira ndagiye
Nzagaruka ubishatse
170.KOMAYOMBI niba ushaka.

Fait par KOMAYOMBI
Christophe Colomb

TWIZIHIJE UMUNSI MUKURU W'ISHURI RYITIRIWE MUTAGATIFU MATAYO RY'I BUSASAMANA

Intangiriro

Ku italiki ya 26/10/2008, Urwunge rw'Amashuri Mutagatifu Matayo ryo muri Paruwasi ya Busasamana ryakoze, ku nshuro ya mbere kuva ryongeye gufungura imiryango nyuma y'intambara, Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mukuru wa Mutagatifu Matayo ryitiriwe, rinatanga ku mugaragaro Impamyabumenyi zo mu rwego A2 mu Binyabuzima n'Ubutabire ku bana baharangirije mu mwaka w'Amashuri 2007 ; ari nabo mfura muri iryo shami (1ère promotion).

Urwunge rw'Amashuri Mutagatifu Matayo ni rimwe mu Bigo 15 by'amashuri yisumbuye bya Kiliziya Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo.

Iryo Shuri riri mu Karere ka Rubavu, Umurenge wa Busasamana, riri nko ku birometero 7 uvuye ku muhanda munini wa Kaburimbo, aho bakunze kwita ku Kabali ; ni umuhanda utagendwamo n'ibinyabiziga byinshi ; ibihaboneka cyane ni amagare, ibicugutu, ubundi ukabona imodoka imwe n'imwe muziba zaje gupakira ibirayi cyangwa imboga zinyuranye kuko ako Karere kera cyane. Hari ubwo haboneka na twa « Moto ».

Ni Ishuri riri mu Karere gafite amateka yihariye kubera intambara y'abacengezi nyuma ya Jenoside. Nyamara ntibibuza ko Ishuri riganwa n'abanyeshuri baturutse mu mpande zose z'igihugu.

1. UKO UMUNSI MUKURU WAGENZE

1. Ibirori byabimburiwe n'igitambo cy'Ukaristiya cyatangiye saa ine za mu gitondo kiyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo.
   Mu nyigisho nziza Umwepiskopi yatanze uwo munsi, dore ko muri iyo Paruwasi ari nabwo bari bizihije Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa, yibanze ku butumwa bukomeye Umurezi afite ku bana arera. Yagize ati : « Abarimu ni babe abahamya ba Kristu wazutse ku bigo byabo. Abadiregiteri b'Ibigo Gatolika bamenye ko bahagarariye Kiliziya Gatolika (bumve ko bahagarariye Umwepiskopi wa Diyosezi muri ibyo Bigo) imyitwarire yabo yoye gutukisha Kiliziya. Nibatange urugero rwiza, kuko utatanga uburere bwiza utihereyeho ; ntawe utanga icyo adafite. Nimurerera Kiliziya muzaba murerera n'igihugu.
   Uko Umwepiskopi ari umugaragu w'Ijambo ry'Imana ndetse akaba yaripfira; namwe nimube abagaragu baryo mubo murera, mujye mwemera kubabara kubera bo. Umusaraba wa Kristu tuwukomereho.
   Missa ihumuje twagiye ku Ishuri ahagombaga gukomereza imyidagaduro y'abanyeshuri n'amagambo anyuranye.

2. Mu ijambo ry'Umuyobozi w'Urwunge rw'amashuri rwa Mutagatifu Matayo yibanze ku mateka atari make yaranze icyo Kigo kuva gitangiye mu mwaka w'1989 kugeza ubu.
   AMATEKA Y'URWUNGE RW'AMASHURI MUTAGATIFU MATAYO.

1989 – 1990 : Ishuri ryatangiye ari ENT (Ecole Normale Technique)
1990 – Avril 1994 : ENP Busasamana (Génocide itangiye barahagaze)
29/05/1995 – 1996 : Economie
1997 – 1998 : Ntabwo bize kubera intambara y'abacengezi

Ishuri ryongeye gutangira neza mu mwaka w'1999, ritangira ari icyiciro rusange, mu mwaka w'2005 ryemererwa gutangiza Ishami **ry'Ibinyabuzima n'Ubutabire** none ubu rishoboye gutanga Diplômes zaryo za mbere. Kandi igishimishije ni uburyo bashoboye gutsinda ari benshi aribwo bwa mbere bakoze Ikizamini cya Leta, nyuma y'izo ngorane zose. Abanyeshuri 37/40 baratsinze ; muri abo 22 babona bourses zo kujya kwiga mu Mashuri Makuru.
Ikindi Umuyobozi yongeyeho ni ingorane bahura nazo muri iki gihe :
-Kuba batagira imodoka ibafasha kujyana abana kwa muganga no kubahahira
-Laboratoire idafite ibikoresho bihagije kandi bafite section Biochimie
-Inzu yo kuraramo ku bakobwa
3. Umwarimu wavuze mu izina rya bagenzi be, yagaragaje ibiranga umurezi mu bo arera ari byo:
- Ubwitange
- Kurwanya ingengabitekerezo ya Génocide
- Kwitabira gahunda za Leta
- Guhinduka no gukora ku buryo buhuje n'iterambere
- Kugisha inama
-Kurangwa n'imikoranire myiza na bagenzi be
Nawe kandi yagarutse ku bibazo Ikigo cyabo gihura nabyo, aribyo by'ibi:
-Inzu yo kuraramo ku bakobwa
-Laboratoire
-Imodoka yabafasha mu guhaha no kugeza abanyeshuri kwa muganga
-Kutagendana n'igihe nko kuba nta Koranabuhanga rigezweho (Computer na Internet) abana babona
-Bakeneye Ishami rya Maths Physique
-Bakeneye Bibliothèque
-Bakeneye amahugurwa aba kenshi cyane cyane mu Ndimi
-Abarimu barifuza ko ababyeyi bakwiga ku kibazo cyo kwongera agahimbaza musyi kuko Ikigo cyabo kiri mu bikiri hasi cyane ku kibazo cy'agahimbaza musyi.
4. Umunyeshuri uhagarariye abandi mu izina rya bagenzi be yashimiye ubwitange bw'abarezi babo aboneraho no kubashimira ibyo babagejejeho, uburere babatoza bugashimangira ubuvandimwe hagati yabo. Ibyo bose bahurije ndetse n'abarezi babo n'ibibazo bafite byavuzwe haruguru.
5. Mu ijambo ryavuzwe n'uhagarariye Ubuyobozi bwa Leta yabimbuje indamutso y'Ubukire (tubukoreye, dufatanije tuzabugeraho kandi vuba); yashimiye abarezi ba Collège St Mathieu uburyo bitangira abo barera bigaragarira mu buryo batsinze n'ubwo inzitizi zitari zibuze.
- Yababwiye ko ubukire bagize intego ntawabugeraho atajijutse.
- Abizeza ko Ubuyobozi bwa Leta bubari hafi kugira ngo babafashe mu byo babashoborera byose.
- Asaba abana kuzakomeza kurangwa n'ikinyabupfura, ni byo bizahesha isura nziza Ikigo cyabo.

Ijambo ryo gusoza Ibirori by'uwo munsi ryavuzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo.
Mu ijambo risoza ibirori by'uwo munsi yagaragaje ibyishimo afite kubera ibyo Ishuri Mutagatifu Matayo rimaze kugeraho ubu; kuba ritaraciwe intege n'ibibazo byinshi ryahuye na byo, muri ako Karere katahwemye kubamo ibitero by'abacengenzi.
Yibukije abari aho ko gutsinda neza ari intego y'amashuri Gatolika. Abarimu baharanire gutsindisha kandi neza. Abana babone za bourses.
Abarezi n'abarerwa barangwe na Discipline; abana bahabwe ubumenyi mu burere bwiza.
Urubyiruko rwishora mu biyobyabwenge barumenye ruhanwe kuko rwiroga rukaroga bagenzi babo rutaretse n'igihugu; bagapfa bahagaze. Mwirinde kwishora mu busambanyi bizatuma nimwubaka muzabaho mu budahemuka.
Abana bitoze umuco mwiza wo kubana kivandimwe; abarezi babarinde amacakubiri.

Isura y'Ishuri Gatolika iteye itya:
-Kubana no kubahana buri wese mu kwemera kwe.
-Amadini aterwa n'amateka y'umuntu ku giti cye n'uko yavutse; buri wese rero abyubahirwe.
Yashoje ijambo rye asaba cyane cyane abarangije, kuzaba abagabo bakunda igihugu, bakunda Kiliziya, bagira icyo bungura aho bagiye.
Mugende mukomeze mwige, mutsinde neza, kandi mube inyangamugayo.

UMWANZURO

-Umunsi mukuru w'Ishuri nk'uyu ni ingirakamaro cyane.
- Uhurizahamwe abanyeshuri, abayobozi babo abigisha n'ababyeyi, ubuyobozi bwa Kiliziya n'ubwa Leta maze uwo murimo basangiye bakawurebera hamwe.
-Ku ishuri bishyigikira cyane ubufatanye kandi bigatuma abana bagaragaza impano bafite.
-Ku munsi nk'uyu abantu basubiza amaso inyuma bakareba amateka yabo kandi bagasuzuma n'imikorere, baganisha ku gufata ingamba.
-Ni cyo cyatumye Umwepiskopi wacu asaba ko amashuri Gatolika yose yajya agira Umunsi nk'uyu buri mwaka kandi ugakorwa mu gihe cyegereye Umunsi w'Umutagatifu ishuri ryaragijwe.
-Asigaye ataramutoranya arasabwa kubyihutisha.

Umwanditsi : BAZAMURANGA Janvière

ABASAVERI MURI DIYOSEZI YA NYUNDO BAHAWE UBUTUMWA

KU MUNSI WA YUBILE YABO

« Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka wa 50 ari mutagatifu kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage » Levi 25,10

Hari kuwa gatandatu tariki ya 23/08/2008, ubwo Abasaveri baturutse hirya no hino muri Paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo bahuriraga ku Nyundo mu rwego rwo kwizihiza Yubile y'imyaka 50 Umuryango w'Abasaveri umaze ugeze muri Diyosezi ya Nyundo.

Nk'uko tubisanga mu musemburo w'ubusabane n° 8 , urup 26-29, Umuryango w'Abasaveri wageze muri Diyosezi ya Nyundo mu mwaka wa 1956, utangizwa na Nyakwigendera Musenyeri Ludoviko Gasore muri Paruwasi ya Nyundo. Kuva icyo gihe wakwiye hirya no hino mu maparuwasi agize Diyosezi ya Nyundo, wiganza cyane mu mashuri abanza n'ayisumbuye ya Kiliziya Gatolika. Abayobozi bihaye Imana (Aumôniers) banyuranye bakomeje kuwushyigikira, cyane cyane mu bikorwa birebana n'ingando (amahugurwa), imyiherero, amasura y'abayobozi ku rwego rwa Diyosezi, n'ibindi.

Abandi biyeguriye Imana nk'abafureri n'ababikira mu miryango inyuranye nabo bagize uruhare rukomeye mu gushyigikira abasaveri cyane cyane mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu bigo bayoboraga cyangwa bakoragamo.

Nubwo génocide yo mu 1994 yahungabanyije byinshi mu byari bimaze kugerwaho, n'abanyamuryango benshi bakahatakariza ubuzima, Umuryango w'Abasaveri ntiwazimye, ahubwo abasigaye bakomeje kwisuganya none bageze kuri Yubile y'Imyaka 50 Umuryango umaze utangiye ku Nyundo.

Twakwibutsa ko Umuryango w'Abasaveri washingiwe i Bukavu muri Repubulika iharanira Démokrasi ya Congo na Padiri Georges DEFOUR (Père Blanc) afatanyije n'umuforomo Augustin ZAGABE ku ya 7/9/1952. Watangiye ugizwe ahanini n'urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa bari mu ntera eshatu arizo *Abishimye, Intwari n'Abanyeshyaka.* Mu 1958 hashyizweho Urunana rw'Abasaveri bakuru arirwo UXA (Union des Xavéris Adultes). Muri uyu mwaka wa 2008, UXA imaze imyaka 50 itangiye.

Mu nyigisho yagejeje ku bakristu mu gitambo cya Misa no mu ijambo yavuze igihe cy'ibirori, Musenyeri Alexis Habiyambere, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagejeje impanuro ku basaveri bari bitabiriye Yubile . Izo mpanuro nizo turibandaho muri iyi nyandiko.

Ibikubiye mu nyigisho yo mu gitambo cya Misa

Mu nyigisho yageneye abakristu mu gitambo cya Misa y'uwo munsi, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagize ati''Mu gihe duhimbaza Yubile y'imyaka mirongo itanu Umuryango w'Abasaveri umaze ugeze muri Diyosezi yacu dukwiye gushimira Imana ibyiza uwo muryango wagezeho kandi abawugize bagasubiza amaso inyuma kugira ngo babone uko bafata ingamba zo kurushaho kujya mbere.

Duhereye ku ntego y'abasaveri igira iti : *urukundo iteka* dukwiye kureba uko abantu barushaho gukwiza urukundo nyarwo. Hari abantu bakiboshye mu mitima yabo kubera kubura urukundo. Abo mubafashe kubohoka maze nabo bumve ko ari abana b'Imana bakaba abavandimwe banyu. Iyo imitima iboshye abantu ntacyo bashobora kugeraho. Urukundo dusabwa kugira tugomba kuruhuza n'urwo Kristu yadukunze. Kristu niwe rugero rw'urukundo tugomba gukundana''.

Musenyeri yakomeje yerekana ingero zigaragaza urukundo Kristu yadukunze. Yagize ati :''Igihe Yezu aremye Isakramentu ry'Ukaristiya yarushijeho kutwegera. Kumuhabwa kenshi kandi neza ni byiza''. Yakomeje agira ati''Wavuga ko ukunda Kristu ute utamwegera ahubwo umuhunga ?

Ikindi kigaragaza urukundo Kristu yadukunze ni igihe yogeje ibirenge by'intumwa ze. Kubona Kristu (Imana) apfukama, akoza ibirenge by'intumwa ze(abantu), yerekanye ko umuntu afite agaciro gakomeye . Yabahaye urugero bagomba gukurikiza kandi abishimangira igihe agize

ati : « Ibyo nkoze namwe mujye mubigirirana ». Kubera iyo mpamvu dukwiye guharanira kuba abagaragu b'Imana twitangira abandi.

Kristu yongeye kutugaragariza urukundo igihe yari ku musaraba. Icyo gihe yagize ati : « Nta rukundo rwaruta urw'Umuntu wemera guhara amagara ye kubera inshuti ze. Kristu yadukunze yemera kudupfira kandi akababarira ibyaha byacu.

Na none igihe Yezu aturaze Umubyeyi we Bikira Mariya nabwo yatweretse ko adukunda byimazeyo.

Musenyeri yavuze ko mu mibanire yacu, urwo rukundo Kristu yatugaragarije mu ngero zinyuranye rukwiye guhora ruturanga. Yakomeje agira ati'' Hari abantu bagana Imana mu bihe bisanzwe, ikibazo cyaza bati Imana imaze iki? Mu bihe bikomeye niho tugomba kugaragaza urukundo kurushaho. N'umusaveri agomba kugaragara mu bihe bikomeye. Nka Kristu tugomba gukunda kugeza ku musaraba. Benshi ntibagira urukundo rugera ku musaraba.''

Musenyeri yakomeje agira ati''Muri ibi bihe hari abantu benshi bihebye, batizeye ejo hazaza. Hari abantu benshi batazi kwishima icyo ari cyo. Abantu bahora bijimye.'' Yagize ati'' Mwebwe abasaveri bato, abo bantu muzabamarira iki? Mwe abasaver b'abanyesuri, abo bantu muzabamarira iki? Mwe abasaveri bakuru abo bantu muzabamarira ik?'' Yakomeje agira ati"tugomba kwagura amarembo y'imitima yacu. Ibyo bizagaragarira mu kwitangira abandi tumurikiwe n'ivanjiri, tumurikiwe n'urukundo Kristu yadukunze''. Yagize ati"hari igihe abantu bireba, bagira bati njye niteze imbere, ngire ubukungu". Ati"ni ngombwa kureba n'abandi, tugaharanira gukora ibyagirira abandi akamaro". Musenyeri yakomeje agira ati" nitube rero koko Umusemburo w'urukundo, tumenye ko hanze aha huzuye inzangano zituruka ku mateka twanyuzemo''. Ati"aho hantu muhajye, muhabibe urukundo, muhageze urukundo Kristu yadukunze".

Mu gusoza inyigisho ye, Musenyeri yagize ati" uyu mwaka wa Yubile nubabere umwaka mutagatifu, umwaka wo kwibohoza, umwaka wo kugaragaza ubuvandimwe. Muhawe ubutumwa bwo kuba umusemburo w'urukundo muri uru Rwanda. Kubigeraho ariko bisaba kubanza kwibohora. Birashoboka ariko kuko intego y'abasaveri ijyanye n'icyo ubukristu budusaba. Banza ube umukristu nibwo uzaba umusaveri w'Ukuri".

Yakomeje agira ati"Mushyire imbere urukundo nyarukundo, urukundo rutari rwa rundi ruganisha mu kwishimisha. Hari byinshi biganisha mu kwishimisha byamamazwa hirya no hino. Mwe murwane intambara yo kwamamaza urukundo nyarwo. Murwane iyo ntambara mwugurura amarembo y'imitima yanyu". Yakomeje agira ati"Mbifurije Yubile nziza mwese. Uyu mwaka wa Yubile uzababere umwaka mutagatifu, mu mitima yanyu, mu bitekerezo no mu buzima bwanyu. Uzababere umwaka wo kurwana urugamba rwo kwerekana urukundo rw'ukuri icyo ari cyo". Yarangije aragiza abari aho Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene.

Ibikubiye mu ijambo Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagejeje ku bari mu birori byakurikiye igitambo cya Misa.

Mu ijambo yagejeje ku bari bitabiriye Yubile, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yabanje gushimira abari baturutse hirya no hino muri Diyosezi ya Nyundo ndetse n'abaturutse ahandi baje muri Yubile y'imyaka mirongo itanu umuryango w'abasaveri umaze ugeze muri Diyosezi ya Nyundo. Yagize ati"Umuryango w'abasaveri urimo urubyiruko, abakuze, abasaserdoti, n'abandi bihaye Imana muri rusange". Ati'' ibyo byose dukwiye kubishimira Imana. Udashima Imana ni utabona ibyo Imana imukorera n'ibyo ikorera abandi ibiminyujijeho".

Yakomeje avuga ko ari ngombwa kuvugurura Imiryango y'Agisiyo Gatolika kuko biri mu myanzuro ya Sinodi. Yibukije ko ku ya 15/8/2008, kuri Crête Congo-Nil yabwiye abakristu ko kuba ubukristu n'uburere mu ngo bigenda bikendera ari ikibazo kitureba. Yagize ati "ese niba abana babuze uburere bwa ngombwa mu rugo , ku ishuri niho bazabubonera?'' Ati'' ko mu

mashuri abanza, ayisumbuye ndetse na za kaminuza ubukristu n'uburere bigenda bikendera, mubona abana bacu bazavamo abarezi n'abayobozi bameze bate?".

Yakomeje avuga ko ari muri urwo rwego Diyosezi ya Nyundo yifuza ko buri mukristu (yaba urubyiruko cyangwa se abakuru) yagira umuryango w'Agisiyo gatolika abazwamo. Yavuze ko abadashaka kugira umuryango w'Agisiyo Gatolika babarizwamo ari abadashaka kwitanga. Yagize ati"mu mashuri yacu abanyeshuri bitabire kujya mu miryango y'Agisiyo Gatolika''. Yatanze urugero agira ati"nk'umuseminari utagira umuryango w'Agisiyo Gatolika abarizwamo yazitangira abandi ate?'' Ati'' kenshi n'abayobozi bo mu nzego zo hejuru baba barararewe mu miryango y'Agisiyo Gatolika''. Yagaragaje ko mu miryango y'Agisiyo Gatolika tuhigira gusabana kandi tukahatorezwa n'Iyobokamana. Yavuze kandi ko Imiryango y'Agisiyo Gatolika ihuza abanyarwanda, yifuza ko tuhashyira imbaraga dushingiye cyane cyane ku byabaye muri uru Rwanda mu 1994. Yakomeje avuga ko Imiryango y'Agisiyo Gatolika ari impano zinyuranye muri Kiliziya akaba ari yo mpamvu mu myanzuro ya Sinodi harimo gutoza abakristu kwitabira Imiryango y'Agisiyo Gatolika. Yibukije ariko ko atari byiza ko umuntu yajya mu miryango myinshi, ahubwo ashimangira ko umuntu yajya mu muryango umwe ariko akawubamo umugabo.

Icyo Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo asaba abasaserdoti n'abiyeguriyimana muri rusange.

Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yavuze ko hari abapadiri benshi babaye mu muryango w'Abasaveri, avuga ko bitumvikana ukuntu Umuryango w'abasaveri wasubira inyuma kandi abo bose muri za Paruwasi barimo. Yifuje kandi ko n'abandi bihaye Imana babaye abasaveri aho bari baba hafi umuryango w'Abasaveri. Muri rusange yifuje ko abapadiri n'abandi bihaye Imana aho bari bafata iya mbere mu gushyigikira imiryango babayemo, babegera bakabagira inama. Kubera ko iyo ari Pastorale ikomeye mu bihe tugezemo, Museyeri yavuze ko Diyosezi idashaka abantu b'indorerezi, ko ahubwo ishaka abantu bitangira abandi bamamaza urukundo. Yakomeje avuga ko uko twamamazaga urukundo mbere ya 1994 atari ko dukwiye gukomeza kubikora ubu. Yavuze ko mu 1994 abantu babonye ko hari ibikwiye kuvugururwa mu kwamamaza urukundo. Yakomeje avuga ko abantu bakwiye kureba uko bakwamamaza kurushaho ubutumwa bw'urukundo, ubutumwa bw'ubusabane.Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yifuje ko Yubile yabera abasaveri umwanya wo kuvugurura umuryango. Yubile yabaye mu rwego rwa Diyosezi, izakurikirwa no kuyizihiza mu rwego rw'akarere(doyenné) na Paruwasi.

Musenyeri yibukije ko mu miryangoremezo yose hatangiye amatsinda y'abana bato; asaba ko abasaveri bagira uruhare mu kwita kuri ayo matsinda y'abana iwabo mu miryangoremezo. Yifuje rwose ko abasaveri baba umusemburo w'ubuvandimwe iwabo mu miryangoremezo.

Musenyeri Habiyambere Alexis, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashoje ijambo rye yifuriza abasaveri gukomeza kugira Umunsi mwiza.

Ibyo birori byitabiwe n'abashyitsi banyuranye, harimo abasaserdoti baje baherekeje abasaveri baturutse hirya no hino muri Paruwasi za Diyosezi ya Nyundo, abahagarariye Bureau National y'abasaveri bayobowe na MUKAKABERA Dativa (cheftaine nationale), abahagarariye Bureau diocésain y'Abasaveri mu Ruhengeri baherekejwe na Padiri Aumônier wabo, n'abandi.

Muri ibyo birori herekanywe imikino inyuranye yashimishije abantu ariko uwashimishije kurushaho n'umukino wari uyobowe na Padiri Gilbert Ntirandekura na Padiri Gaspard Kanzira. Twababwira ko aba bapadiri babaye abasaveri kuva bakiri bato, by'umwihariko Padiri Gilbert akaba ari Aumônier w'abasaveri muri Zone pastorale ya Kibuye, akaba n'umunyamabanga mukuru wa Komisiyo y'Abepiskopi Gatolika ishinzwe urubyiruko.

MUSEBYUKUNDI Didace

CHORALE MAGNIFICAT YA PAROISSE MUHORORO
YASUYE PAROISSE YA GISENYI

Kuva kera na kare, umuco mwiza wo gusurana wahozeho, kandi n'ubu turacyawukomeyeho. Bikerekana urukundo n' ubumwe dufitanye nk'abana b'Imana, Yo yadukunze kugeza aho itwoherereje Umwana wayo w'Ikinege ngo aducungure *« Nkoramutima zanjye, ubwo Imana yadukunze bigeze aho, natwe tugomba gukundana. Nta muntu wigeze abona Imana, ariko niba dukundana, Imana idutuyemo kandi urukundo rwayo ruba ruganje muri twe (Yh 4.11-12).*

Ubwo bumwe bukwiye kuranga uwa Kristu wese, ni kimwe mu byatumye ku itariki ya 16/11/08, abakristu ba Paroisse ya Muhororo bari muri Chorale Magnificat yaho, hamwe n'abandi babyifuje, bafata urugendo berekeza muri paruwasi ya Gisenyi. Igitekerezo cy'urwo rugendo bagitewe nuko uwahoze ari Padiri Mukuru wabo Emmanuel Nyampatsi, yahawe ubutumwa muri Paroisse ya Gisenyi. Bifuje rero kuza gusura urugo, bagamije kandi gukomeza umubano no kugirana ubucuti hagati ya Paroisse ya Gisenyi na Paroisse ya Muhororo . Abo bakristu bari mu nama y'abakozi, igizwe n'abacuruzi, abarimu, abaganga n'abikorera ku giti cyabo. Bahagurutse saa kumi n'ebyili (6h) za mu gitondo, saa yine baba bashyitse ku Gisenyi ; bakirwa na bagenzi babo nabo bari muri Chorale Magnificat ya Paroisse ya Gisenyi.

Gahunda y'urwo rugendo yari yateguwe mu buryo bukurikira:
**Gusangira igitambo cy'Ukaristiya*, **Kwidagadura (umukino wa volley-ball), *Gusabana.*

Igitambo cya Missa cyatangiye i saa tanu, kiyoborwa na Padiri Emmanuel Nyampatsi Padiri Mukuru wa Paroisse ; maze gihimbazwa na Chorale Magnificat ya Muhororo yari yifuje gusangiza abakristu ku ngabire yayo. Mbere yo gutangira Missa, Padiri yabanje kwerekana abashyitsi, ababwira n'impamvu y'urwo ruzinduko. Mu nyigisho y'uwo munsi, yibanze ku Ivanjili y'umugani w'Amatalenta atanu yabikijwe abagaragu ; bitwumvisha ko urukundo Imana itugaragariza buri munsi, rukwiye kudutera umwete wo kudatinya kubyaza umusaruro ingabire zitandukanye iha buri wese , kugirango igihe nikigera, natwe Nyagasani azatubwire ati : '*Nuko mugaragu mwiza kandi udahemuka, wabaye inyangamugayo mu bintu bike, nzagushinga ibisumbyeho, ngwino wishimane na Shobuja '(Mt25.14-30).*

Missa ihumuje, hakurikiyeho kwidagadura. Nk'uko byari byateganijwe, bakomereje ku kibuga cya paroisse, ahabereye umukino w'intoki (volley-ball), watangiye isaa saba n'igice uhuza ikipe ya Chorale Magnificat ya Paroisse Stella Maris ya Gisenyi, n'iya Chorale Magnificat ya Paroisse ya Muhororo. Wari witabiriwe n'abantu benshi mu ngeri zose.

Umukino watangiye ubona amakipe yombi anganya ubushobozi mu kibuga . Ntibyari byoroshye rero, kuko ayo makipe yombi yari agizwe n'abakinnyi banyuranye kandi bose b'abahanga ; barimo Padiri Léonidas Ngomanziza wakinaga mu ikipe ya Chorale Magnificat ya Gisenyi. Nyuma ariko, ibintu byaje guhinduka aho ikipe ya Magnificat ya Gisenyi yaje gutsinda ikipe ya Magnificat ya Muhororo ; Iseti ya mbere ku bitego 26 kuri 24 .

Nyuma y'akaruhuko gato, igice cya kabiri cyaratangiye, maze Magnificat ya Muhororo nayo yerekana ko itari inganzwa aho yishyuye bidatinze Iseti ya mbere, iyitsinda ku bitego 26 kuri 24 bya Magnificat ya Gisenyi. Kunganya kw'amakipe yombi byatumye bumvikana, maze bemeza gukina indi Seti ya gatatu, kugira ngo haboneke ikipe yegukana umuhigo. Barakomeje, noneho hagati y' amakipe yombi rurambikana rubura gica, abafana bari bategereje aho intsinzi iri buve naho iri butahe reka sinakubwira bariyereka ! Ntibyatinze , Magnificat ya Gisenyi iba yegukanye Iseti ya kabiri ku bitego 25 kuri 21.

Chorale Magnificat ya Gisenyi iba icyuye umuhigo, maze ipfunyikira ityo Chorale Magnificat ya Muhororo, kado nziza y'ama Seti abiri kuri imwe.
Umupira urangira saa munani n'igice, abari aho bose bishimiye uko uwo mukino wagenze.

Nyuma y'umupira w'intoki, ubusabane bwakomereje mu nzu y'ikana, ahabereye ibiganiro binyuranye byahimbajwe n'indirimbo buri chorale yagiye iserukana , bituma barushaho gushyikirana , dore ko na buri wese wari uraho yari yicaranye n'uwo badasanganywe. Hari hatumiwe abayobozi mu nzego zinyuranye za paruwasi, abahagarariye korali za paruwasi , n'abahagarariye Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'Amakoraniro y'abasenga.

Prezida wa Komite Nyobozi ya paruwasi ya Gisenyi mu ijambo rye, yabanje gushimira abakristu ba Muhororo, igitekerezo cyiza bagize cyo kuza kubasura. Ababwira imiterere ya paruwasi : igizwe n'ama santrali atanu ariyo Gisenyi – Rambo- Bugoyi – Rubavu na Muhato. Avuga ko aho ku Gisenyi nta nama y'abakozi irahatangira, ariko hakaba hari ama Komisiyo akorera muri paruwasi, abiri muri yo akaba ari umwihariko aho ku Gisenyi. Ayo ni :
**Komisiyo ya Twiyubakire Paruwasi* na ** Komisiyo ya Jumellage (ububanyi).*
▪ Komisiyo ya « Twiyubakire Paruwasi » ni Akanama kifujwe kandi gashyirwaho n'abakristu hagamijwe gushakisha inkunga muri bo, yo kunganira paruwasi mu bikorwa binyuranye by'amajyambere ya paruwasi, tudategereje inkunga zivuye hanze, kuko« ak'imuhana kaza imvura ihise ».
▪ Komisiyo ya jumellage (ububanyi) yashyizweho ngo ijye iserukira paruwasi hirya no hino, haba muri paruwasi za Diyosezi yacu, ndetse n'izo mu yandi ma Diyosezi, hagamijwe gushakisha ubucuti aho hose ; abakristu bakamenyana, bagasurana, kandi bakungurana ibitekerezo ku byatuma paruwasi irushaho kwiteza imbere . Ngo 'Ijisho rya mukuru ntirizinduka riba ryagiye kureba'. Birumvikana ko muri uko gusurana, buri wese agenda areba imikorere y'ahandi, ibyo ashimye akabishimangira iwabo, n'ibyo anenze akabirinda iwabo.
Yongera kubashimira ababwira ko nabo bazabishyura bidatinze.

Nyuma y'ijambo rya Prezida wa Komite Nyobozi ya Paruwasi ya Gisenyi , President wa Chorale Magnificat ya Muhororo nawe yabagejejeho indamutso ye muri aya magambo : «Tunejejwe no kuba hamwe namwe, kandi tubazaniye amahoro . Tuje kubasura no kureba ko uwo twabahekeye amaze kumenyera urugo.Twishimiye ko dusanze yaramenyereye. Tumwijeje natwe ko tuzakomeza gutwaza tudacika intege, kuko amatalenta yadusigiye twayabyaje atanu ». Ababwira uburyo Chorale Magnificat yavutse ibyawe n'inama y'abakozi, ubwo hizihizwaga umunsi w'Abakozi ku itariki ya 01/05/ 06, maze asoza abagezaho intashyo y'abakristu ba Muhororo kandi abashimira cyane uburyo babakiriye, abasaba kandi ko bagirana ubucuti, akaba ari n'icyifuzo muri rusange cy'Abakristu ba Muhororo nk'uko Prezida w'Inama y'Abakozi yaho nawe yongeye kubisubiramo.

Ubwo busabane bwasojwe n'ijambo rya Padiri Mukuru wa Paroisse, wababwiye muri make ko yishimye kandi ashima. Agira ati: "Ndishimye kandi ndashima igitekerezo cyiza mwagize cyo kuza gusura urugo. Muhujwe nanjye, bivuga ngo umubano watangiye kandi uzakomeza. Hari byinshi Muhororo izigira kuri Gisenyi, hari byinshi na Gisenyi izigira kuri Muhororo".Ababwira ukuntu Chorale Magnificat ya Muhororo yayibonye ivuka, itangira buhoro buhoro, none ikaba imaze gutera imbere ifashijwe n'abatarahwemye kuyitangira.

Asoza yongera kubashima, maze abasezeraho aha umugisha abari aho bose, kandi abifuriza urugendo rwiza.

Urwo ruzinduko barusoje mu ma saa kumi n'igice, basubirayo bishimiye uko uwo munsi wagenze.

Ubukristu bukomeze kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, nkuko twabyiyemeje.

BAMURANGE M.Françoise
Chorale Magnificat / P.GISENYI

« DUSHAKIRE HAMWE INZIRA Z'AMIZERO »

Kuva ku wa 27 kugera ku wa 30 Ukuboza, i Nairobi mu gihugu cya Kenya habereye ihuriro mpuzamadini ry'urubyiruko rugera ku 6000 rwo mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba bwo hagati ndetse n'abandi benshi bari baturutse muri Sudani, muri Afurika y'Epfo, mu Bulayi no mu Bushinwa.Byumvikane ko abenshi bari Abanyakenya baturutse mu mpande nyinshi z'icyo gihugu. Urwo rubyiruko rwari rwahujwe n'Umuryango w'Abavandimwe b'i Taizé mu gihugu cy'Ubufaransa. Ihuriro ryo muri Kenya rikaba ryari rije rikurikira andi mahuriro abo bavandimwe bari baherutse gukoresha bafashijwe na Kiliziya z'ibihugu yabereyemo nk'ayabereye i Johannesburg (Afrique du Sud), i Calcutta(Inde). Amahuriro ya vuba ni ayabereye i Cochabamba (Bolvie en Amérique Australe) mu Ukwakira 2007 ni i Genève (en Suisse) mu Ukuboza 2007.

UMURYANGO W'ABAVANDIMWE BI TAIZE

Ni Umuryango mpuzamatorero w'i Taizé mu gihugu cy'Ubufaransa. Washinzwe na Frère Roger mu 1940. Ubu uwo muryango w'abavandimwe b'i Taizé umaze kugira abafurere b'abagatorika n'abaprotestanti, bagera mu ijana baturutse mu bihugu 25 binyuranye byo ku isi. Imibereho yabo ihamya by'ukuri ko ubumwe bw'abakristu bushoboka kugerwaho. Ikindi kandi iyo mibereho igamije, ni uguhamya ko umubano mwiza mu mahoro nawo wagerwaho muri Kristu.

Hashize imyaka myinshi uwo muryango witangira Iyogezabutumwa mu rubyiruko: muri ubwo butumwa bafite harimo kubakira bihoraho aho ngaho i Taizé cyangwa gutegura amahuriro mpuzamahanga aba rimwe cyangwa kabiri mu mwaka. Urubyiruko rugira amahirwe yo kujya muri ayo mahuriro yateguwe n'abo bafurere, narwo ruba ruhamagarirwa kuba abahamya b'ubumwe muri bagenzi babo no mu matorero baba baturutsemo.

IHURIRO MPUZAMAHANGA RY'I NAIROBI MURI KENYA

Iryo huriro ryo ku wa 26-30 ukwakira muri Kenya ryiswe URUGENDO NYOBOKAMANA RWO GUHAMYA AMIZERO KU ISI. Ingingo remezo nayo yari iyi:DUSHAKIRE HAMWE INZIRA Z'AMIZERO. Ibikorwa by'ihuriro byabaye amasengesho; ibiganiro binyuranye birimo n'ubuhamya.

1. Amasengesho

- Mu gitondo urubyiruko rwasenganaga n'abakristu bo muri paruwasi zabaga zabakiriye
- Sa sita nyuma yo gufungura, habaga isengesho rusange riyobowe n'abavandimwe b'i Taizé. Iryo sengesho ryaberaga mu iseminari nto ya Nairobi (Saint Mary Queen of Apostles) iri ahitwa Ruaraka. Aho mu iseminari niho hari hateguriwe n'ubundi gukorerwamo gahunda zose z'ihuriro. Saa saba urubyiruko rwose rwateraniraga mu ihema rusange ry'ibonaniro abavandimwe b'i Taizé bakayobora amasengesho y'ibisingizo (harimo nko kuririmba zaburi ngufi z'ibisingizo nka zaburi 67; 63;103;121; kuririmba indirimbo za alleluia; harimo kandi gusoma no kuzirikana ijambo ry'Imana cyane cyane nk'amasomo ya Mt4,18-22; Mk6,37-44; Ezk37,1-2.9-14; Mt11,25-30; Ef3,14-19; Ibyak4,32-35; Yer29.5-14; Lk10,30-37. Nyuma yo gusoma no kuzirikana bucece ijambo ry'Imana, umwe mu bafurere w'i Taizé yatangaga inyigisho. Uwakunze kuyitanga cyane ni Furere Alois. Isengesho ryo ku manywa n'irya nimugoroba saa kumi n'ebyiri ryakorwaga kimwe.

2. Ibiganiro

Gahunda y'ibiganiro n'ubuhamya : iyo gahunda yabaga saa munani.Urubyiruko rwihitiragamo ikiganiro. Hari ingingo nyinshi zo kuganiraho zari zateguwe kandi hateguwe n'ahantu hanyuranye ho kuganirira. Ingingo zakunze kugarukwaho cyane ni izi :

- Kumenya umugambi Imana imfiteho : ndi iki imbere y'Imana, Imana imfasha ite kwimenya, namenya nte umuhamagaro wanjye ; namenya nte inzira Nyagasani ashaka kunyuzamo mu buzima bwanjye.
- Bibiliya isomwa ite ? umuntu yabeshwaho ate n'ibyo ayikuramo ?
- Ukwemera ni iki ? Ibyerekezo ni ibihe ku wemera : yugarijwe ni iki, afite amahirwe he ? Nagenza nte abatemera ku kwemera nyako (ubuhamya) ?
- Twamagane intambara n'amakimbirane : ubuhamya bw'ababigezeho mu bihugu bimwe.
- Gukira ibikomere, kwakira amahoro y'umutima : kwiyunga muri wowe no kwiyunga n'abavandimwe.
- Guhura na Kristu mu muvandimwe : kwitangira abandi bifite kamaro ki mu buzima bwacu. Twitangire abandi dute baba aba kure cyangwa aba hafi ?
- Imiryango-remezo ya Kiliziya, amatsinda y'ubuzima : ubuhamya bwa Kiliziya zo mu bihugu bimwe.
- Twakora iki, twafatanya iki n'abayisilamu (ubuhamya) ?

Uretse ziriya ngingo zinyuranye zaganirwagaho, hari hateganyijwe ahantu urubyiruko rwashoboraga gusengera bucece no kuzirikana ijambo ry'Imana. Hari hateganyijwe kandi gukurikira imyidagaduro mu ndirimbo no mu mbyino hakurikijwe umuco wa buri gihugu : Kiliziya y'u Rwanda yaserukiwe n'itorero ry'urubyiruko rwa Arikidiyosezi ya Kigali mu ndirimbo za Rugamba Sipiriyani.

UMWANZURO

RUBYIRUKO NI IZIHE NZIRA Z'AMIZERO DUFITE UBU ?

Kugira ngo Ivanjiri ibe koko intwaro yo guharanira ubwiyunge ni ngombwa ko habaho amahuriro, ibiganiro, ubuhamya n'isengesho. Abavandimwe b'i Taizé barabiturarikira cyane (buri kwezi batugezaho kuri site yabo ya internet « www.taize.fr »-rubrique « prière et chant » gahunda zabo zihoraho zo gusengera ubwiyunge mu bitaramo by'amasengesho, bizera ko iyo gahunda ababishobora bayigerageza muri paruwasi zabo. Hari kandi na lettre de Taizé (ibaruwa y'i Taizé) bagerageza gushyira mu ndimi nka icumi isohoka rimwe mu mezi atatu kugira ngo ishobore kumurikira abayisoma inzira y'ubwiyunge bayobowe na Bibiliya. Kuyibona yo ni ukwandikira Abavandimwe bi Taizé kuri iyi aderese : letter@taize.fr Urubyiruko rwahuriye muri Kenya rwungutse byinshi : ubucuti, ubufatanye no kungurana ibitekerezo n'urubyiruko ruturutse mu bindi bihugu.

« Tureke gute kuvoma ku isoko y'imicanga n'ibirohwa ? Nta kundi ni ukudahuga ku ijambo ry'Imana. Ngaho aho twavoma amizero n'ibyishimo. Ukinguriye Imana umutima we, aba aharuriye Imana inzira no mu yindi mitima ya benshi ».(Furere Alois, Taizé Nairobi, le 27/12/2008).

Padiri BIZIMANA Yohani Damaseni
Paruwasi Murunda

BARAHUYE BIFURIZANYA UMWAKA MUHIRE.

Ku nshuro ya mbere, abakozi bakora muri Service za Diyosezi zikorera ku Nyundo bahuriye hamwe i Kigufi, bifurizanya Noheli nziza n'Umwaka muhire wa 2009. Izo ni : Caritas mu nzego zayo zose, - Abashinzwe Inyigisho z'Iyobokamana, (Catéchèse) – Abashinzwe Amashuri Gatolika , – Abita ku Butabera n'Amahoro, – Abashinzwe Guhuriza Hamwe Imirimo y'Iyogezabutumwa, n'Abakozi ba Centre Pastorale.

Guhurira hamwe basoza umwaka, byari bisanzwe bikorwa n'Abakozi ba Caritas n'Umuyobozi wabo. Muri uyu mwaka icyo gitekerezo bifuje kugisangiza izindi services zikorera muri Diyosezi, maze bose babyakirana ubwuzu ; nibwo ku ya 23/12 bahuriye kuri Paroisse ya Gisenyi, bakomeza berekeza i Kigufi. Abakorera mu tundi turere nka Ngororero nabo ntibahatanzwe, bafashe urugendo baza kwifatanya na bagenzi babo.

Uwo munsi wabanjirijwe n'igitambo cya Missa, yatangiye isaa tanu , iyoborwa na Musenyeri J.M.Vianney NSENGUMUREMYI uhagarariye Amashuri Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo. Hari na Padiri Etienne MUKERAGABIRO uhagarariye Caritas ya Diyosezi, na Padiri Fabiyani RWAKAREKE ushinzwe Guhuza Imirimo y'Iyogezabutumwa muri Diyosezi .

Icyo gitambo cya Missa cyari icyo gushimira Imana yabarinze muri uyu mwaka wose, maze igakomeza kuyobora ibikorwa byabo, bakaba bahuriye hamwe ngo bongere bazirikane ku butumwa bashinzwe, barusheho kubunoza, kandi bafate ingamba nshya yo kubukomeza neza, bafashijwe na Roho w'Imana.

Nyuma y'igitambo cya Missa, bahuriye hamwe baraganira. Bamaze kwibwirana, bunguranye ibitekerezo, ndetse batanga n'ibyifuzo ku byatuma barushaho kunoza neza umurimo basangiye wo kwitangira imbaga ya Kristu muri Kiliziya.

IBYIFUZO

►Hifujwe ko bajya bahura nibura 2 mu mwaka:
* ku munsi w'abakozi uba mu kwezi kwa gatanu (bizihiza umunsi w'abakozi) , no
* mu mpera z'umwaka mbere ya Noheli (bifurizanya Noheli nziza n'umwaka muhire).

► Gukora umwiherero nko mu gihe cy'i gisibo : Kuri iyi ngingo, hifujwe ko hagiye haboneka abajya batanga inyigisho zatuma nabo bashobora gufasha abo bashinzwe, byarushaho kubafasha.

► Kuganira ku mikorere ya buri service, bityo n'utayikoramo akaba yashobora gusobanurira uwo ariwe wese wagira icyo ayimubazaho.

►Gukora ingendo shuri (habonetse ubushobozi bagatemberera no mu zindi Ntara, nko kureba ibyiza nyaburanga n'ibindi binogeye ijisho, bityo ntiduhezwe ku by'iwacu ngo abanyamahanga badutange kubimenya) .

* Ku byerekeye umunsi w'abakozi, hifujwe ko hakubahirizwa gahunda za Leta uko biteganywa, buri service ntigende ukwayo nk'uko byari bisanzwe, bagahurira hamwe bose bakora urugendo ruteganyijwe (defilé) kandi bafite ibyapa bibaranga ; nyuma y'aho bakareba aho bahurira bakaganira bakomeza kwizihiza uwo munsi.

Ibi byifuzo ntibyahise bifatirwa imyanzuro ako kanya , niyo mpamvu hashyizweho Komisiyo iziga neza uko ibi byose byazatangira gushyirwa mu bikorwa. Iyo Komisiyo igizwe

n’Abahagarariye Services zose za Diyosezi, ikazayoborwa na Padiri Fabiyani RWAKAREKE usanzwe ayobora Service ihuza Imirimo y’Iyogezabutumwa, ari nawe uzajya ageza ku bakozi bose imyanzuro yafatiwemo.

Nyuma yo gutanga ibitekerezo ndetse n’ibyifuzo, ibiganiro byakomereje ahari hateganyirijwe ifunguro rya saa sita, nyuma y’aho bakomeza gusabana ndetse bagira n’umwanya wo gusura urwo rugo rwiza rwa Kigufi rwitegeye ikiyaga cya Kivu , dore ko hari byinshi bibereye ijisho, kubireba byonyine bikaruhura wa wundi wananiwe.

Uko guhurira hamwe bakamenyana maze bagasabana, byashimishije buri wese wari uhari , ku buryo ntawashidikanya ko icyo gikorwa gitangiye kizakomeza , ndetse kigahuza n’abandi batashoboye kuhaboneka icyo gihe, nk’abakozi ba Economat Général babimenye baramaze gufata izindi gahunda, ndetse n’abandi..

Bongera gushimira cyane Ubuyobozi bwa Caritas ya Diyosezi bwatekereje icyo gikorwa, maze mu ma saa kumi, basezeranaho bose banezerewe, bongera kwifurizanya Umwaka muhire!

BAMURANGE M.Françoise
Coordination Pastorale /Nyundo

UMUPFAKAZI W'INTANGARUGERO YARATABARUTSE

Consolatie NYIRAHAGENIMANA yavukiye muri Paruwasi ya Murunda mu 1969. Yashakanye na Sipiriyani SIBORUREMA mu 1993, uyu yitaba Imana nta mwana amusigiye. Consolatie yiyumvisemo igitekerezo cyo kwegurira Imana ubupfakazi bwe nubwo uwo muhamagaro ntaho yari awuzi. Yafashe umugambi wo gufasha abandi, mu bukene bwe, yumva kandi yemera ko hari abandi bamurusha gukena.

Ubufasha bwe yabutekereje cyane cyane kuri roho. Ayobowe na Marie Nathalie Icyimpaye, umufasha w'Iyogezabutumwa, yamenye umuryango witwa Fraternité Mwamikazi w'Izuka (Fraternité Notre Dame de la Résurrection) asobanuriwe na Padiri Lerusse hamwe n'abapfakazi bo muri Paruwasi ya Kanyanza yo muri Diyosezi ya Kabgayi. Hari mu 1997 ubwo yinjiye muri uwo muryango.

Ukwemera yari afite kwamufashije kumva ko urukundo rurusha imbaraga urupfu, ndetse ko urupfu rutadutandukanya n'abo twashakanye, bityo rukaba rudafite ijambo rya nyuma. Ntiyashidikanyije ko ubuzima buhoraho ku Mana, akomera atyo ku isezerano ryo gushyingirwa (ubumanzi) yagiranye n'umugabo we Sipiriyani.

Ntiyihereranye ibyiza yasanze mu muryango Fraternité Mwamikazi w'Izuka (FNDR), yawushishikarije abandi bapfakazi ku buryo muri Diyosezi ya Nyundo ubu bageze kuri 13 , naho abitabye Imana akaba ari bane.

Uretse intego yihariye kuri uwo muryango ubutwari bwe yabugaragaje byimazeyo kuko ari mu bapfakazi ba mbere batangije amahuriro y'abapfakazi b'abakristu gatolika cyane cyane iryo muri Paruwasi ya Murunda yabereye Visi Perezida igihe kirekire. Ubu amahuriro ashinze imizi mu maparuwasi yose ya Diyosezi ya Nyundo akaba ahuje abapfakazi bagera ku 4.862.

Mu buzima bwe busanzwe yarangwaga no gufasha abatishoboye, imfubyi zitagira kivurira, kwiyumanganya, kugaragaza ishyaka afitiye Kiliziya akunda Misa . Yitabye Imana ari umukozi wo mu bukarani bwa Paruwasi ya Murunda.

Yatabarutse kuwa gatandatu tariki ya 9/8/2008 mu bitaro by'i Kabgayi, nyuma y'igihe gito yari amaranye uburwayi. Umunsi wo kumushyingura, ku cyumweru tariki ya 10/8/2008 waranzwe n'ibyishimo kubera iyo ntwari twizeraga ko igiye kongera ubuvugizi bw'abapfakazi mu rusange rw'abatagatifu.

IMANA IMUHE IRUHUKO RIDASHIRA.

DUSABEMARIYA Patricie
Uhagarariye amahuriro y'abapfakazi b'abakristu Gatolika muri Diyosezi ya Nyundo

UMUVUGO : NDASABA SINTEGEKA

Wangabiye Mwami,
Wangabiye rwose simbe inganizi
Ngo mbe ingagari iyi igana ibyago
Ngo ibyiza byose mbibure imyaro !

Wangabiye Yezu ukangira inganji,
Ijambo ryawe rikaba ingango
Ntwaza hose ngarura iminyago
Ngasiga Sekibi mu kimwaro
Wowe usendereye imitsindo
Wangabiye rwose wowe Mugenga
Ndasaba sintegeka.

Wangabiye urukundo rutimira
Ukangira ingabo rutimirwa,
Irukubira aho rwagimbye,
Ikarusendereza isi yose.

Icyanjye cyose cyaba urukundo:
Imvugo yanjye yaba urukundo
Ingendo yanjye yaba urukundo
Indoro yanjye yaba urukundo
Ibiganza byanjye bikagaba urukundo
Umwuka wanjye ukaba urukundo!

Narutera nkarwuhirira
Narubagarira rukera
Narwubakira rugatura
Narutunga rukemarara !

Ubugome nabuhinda
Ubwange nkabukubanga
Ubwiko nkabwimira
Ubwaku nkabwangiza
Ubwicanyi bugacika
Ubwiza bugaca ibyimbo.

Nahuga ya zahaha
Amatati nkayatokoza
Amatiku ngacecekesha
Amahoro nkayatonesha !

Nahashya ya sahinda
Igihunya kikihamba
Amahano agahomoma
Muntu agatora agatotsi.

Agahinda nagahuta
Ibyago nkabyangiza
Ibyiza nkabyagaza
Nkabisakaza amahanga.

Wangabiye Yezu,
Wangabiye injishi y'indacika
Nkajisha ururimi rwanjye
Runshira ibico birindwi
Ngacumura ubudacurera
Ngacisha ukubiri nawe.

Narushumura rujya gusenya
Cya rusenzi cyatuzonze
Narureka rukisihinga
Rugahashya ruremankwashi
Maze nkamushikamira
Agashira agashirira.

Naruserutsa rujya gusenga
Gusingiza no gushima
Gushengerera Mugenga
Kurata Nyirubutore.

Naruzitura,
Rujya gucyura
Rujya gucyeza ;
Rujya gucyebura
Rujya kugorora ;
Rujya guhuza
Rujya guhaza.

Rujya guhanga
Aho guhorahoza,

Rujya guhosha
Aho guhohota,
Gutesha aho gutonesha,
Gutuza aho gutakisha,
Gutanga aho kwakira
Kubika aho kumena ibanga
Guhashya umwanzi shitani
No kuramya Umwami wanjye.

Ururimi uru !
Naruha inshingano itajegajega
Yo guceceka rukamenya ubwenge
Rwashishoza inshuro zirindwi
Nkarushumurira aho rudashungwa
Ngo rushukashukwe rwirate,
Wangabiye rwose wowe Mugenga
Ndasaba sintegeka.

Wangabiye Mwami,
Wangabiye agasuka aka k'umujyojyo
Kakaba intwaro yo kwitsinda
Ngaca umusoto w'inshurabwenge
Nyuzamo iyi nda ihora imbeshya
Ngaca iruhande rw'umuco wawe.

Nayiyobora igaca aho ushaka
Yajya kurenga akabuga kayo
Nkayicyamura nkayicyaha
Nabona inyigaritse burundu
Nkagutabaza wowe Mugenga
Ukayicyesha uko ubyifuza.

Wangabiye inshyimbo rutimirwa
Maze ikayobora umubiri wanjye
Mu rwuri rubereye Rwema;

Ubwirasi nabuhwika
Ubwomanzi nabutwika
Nakwiga intambwe yawe
Uko ndi kose nkakwirekurira
Nitwaje inshyimbo umpaye.

Nakubera icyo wifuza
Nka ya ntama yumva umushumba
Uhora ucyereye kuyicyesha.

Wangabiye Yezu,
Wangabiye ingabire ndengakamere
Yo kugabura amahoro utanga;
Nayasiga hose ahacuyutse:
Ahaga hose nayahahanga
Amahano agahanwa
Amatage agatabwa
Amatiku agatuza
Umutuzo ugatura
Ubwenge bukema
Ubwema bukera.
Nahaminja amahoro yawe
Nahatuza ibitunganye
Nahahaza ibyiza utunga
Nahaminja ibishashi byawe
Nahahata ubutoni bwawe.

Wangabiye Mwami,
Wangabiye rwose nkaba umuvuzi
Cyangwa nkema nkaba umukinzi
Uyu w'umuhanga utari inganizi;
Nakiza bose mu bwitonzi
Mu rugero ushaka no kubo ushaka
Indwara zose nkazimira
Izasheshe nkaziha inshinge
Izihishiye nkaziha inkingo
Maze nawe ukabiha ishimo.

Ngabira Yezu umpe ibinkwiye
Maze mbikwize ibyoko byose
Ibyansi byeze ibyiza byawe,
Nshyire ku ruhimbi uru runihira,
Iyi si ntuye isomeho ishime
Ibyiza byawe biyizihire
Maze biyiseseke ku nkiko
Inkaka zawe zuhe inkeke
Inkingi z'ijuru zikanye
Ziririmbe ishimwe ryawe
Maze igukunde uyigire imbata,
Wangabiye rwose wowe Mugenga
Ndasaba,sintegeka!

UZAMBERUMWANA Anthère
Chargé de discipline
Ecole Secondaire St.Jean Murunda

UMUVUGO W'UMWE MU BASHOJE AMAHUGURWA Y'IMYAKA 10 MU BUTABERA N'AMAHORO

1.Impangukana bigwi turasoje
Dusoje tugiye gutangira
Ubuzima buzima
Buzira kuzima.

2.Nshize agahinda
Nshize impumu
Ubujijuke narabutoye
Ubujiji narabutaye.

3.Umuryango-remezo n'inama
Sinshaka abajya mu kibazo cyanjye
Uburere narabutojwe
Ubutabera burakaramba iwacu.

4.Sinarinzi urukundo
Ubutabera n'amahoro
Mbisogongeye numva biraryoshye
Mbyuje ngira umunezero.

5.Kera numvaga bavuga ubutabera
Amahoro bayatera umugongo
Ubutabera n'amahoro
Ari imbuto imwe isoromwa
Na buri wese.

6.Ubutabera bwa kera
Bwashingiraga ku nda za bamwe
Bakambeshya ngo buraharanirwa
Kandi amaherezo bukandamiza.

7.Diyosezi isobanukirwa na bwo
Yugurura amarembo
Paruwasi inama Umuryango-remezo
Twinjira bwangu tutazuyaje
Kuko icyari gihangayikishije
Cyarebaga buri wese.

8.Twese intero yari imwe
Nzarata amahoro niyo dushaka
Nzarata amahoro niyo nifuza
Nzarata amahoro niyo duharanira.

9.Ubutabera buha buri wese kurengerwa
N'amategeko mu bwisanzure
Niho abantu bose bavoma buzira
Kuvogerwa.

10.Yezu adutoza ayo mahoro
Yifuza yuko tuyahorana

Ashaka yuko tuyabamo
Tukaba inkunzi z'amahoro.

11.Yezu yigishije abamwumva
Kwirinda ihohoterwa aho riva rikagera
Gukunda ababi ndetse n'abeza
Gukunda bose tutarobanuye.

12.Buri wese akwiye kwikomezamo
Umuco w'Ubutabera n'Amahoro
Ugashimishwa no kubana na bagenzi bawe
Mukagera ku busabaniramana bwuzuye.

13.Nkuko tubisoma muri Bibiriya
Zaburi ya 84 umurongo wa 13 kugera 14
Ubutabera buzangenda imbere
Intambwe ze zigaragaze inzira
Uhoraho ubwe azaduha ihirwe
Maze isi yacu izarumbuke imbuto.

14.Ukuri muri twe bakangurambaga
Ukuri muri twe Bakristu
Ukuri muri twe Bayobozi
Ukuri muri twe Bihayimana.

15.Naritaye mu gutwi ndabegera
Numva imigambi myiza bafite
Guharanira Ubutabera n'Amahoro n'ingenzi
Naho umuvumo w'ikinyoma uragatsindwa.

16.Kugendera ku kuri n'Ubutabera
Biha buri muntu agaciro akwiye
Tugomba guca bugufi tukareba igikwiye
Tukubaka ejo hazaza heza ha buri wese.

17.Urubyiruko ntirwahejwe
Kuko ari rwo Rwanda rwejo
Rwinjiye amarembo y'amahoro
Rukoresha imbaraga zarwo
Mu kubaka ubumwe mu rungano
Ubwiyunge n'Ubuvandimwe
Mu Banyarwanda.

18. Ni ngombwa ko abemera bose
Babaho bunze ubumwe n'abantu bose
Bihatira kumva abantu bose
Mu rurimi rwabo kavukire.

19.Ubutabera n'Amahoro buritangirwa
Amategeko arubahirizwa

Sinarinzi kurengera abandi
Kuko narindi Nyamwigendaho.
Kutagira gihana n'ishyano ribi
Iri ryabuze gihanura
Harakaramba ubutabera n'amahoro
Kuko bwankuye ahaga.

21. Sinarinzi igitambo cy'ukuri
Tukajya mu missa tugatura igitambo
Nagera mu rugo ngatura biheko
Urubyaro rwanjye.
Uti mubyeyi mpera abana amahoro
Ubushishozi burahataha.
Mbikesha abakangurambaga
Nshyira hasi nyura inzira imwe.

22. Sinarinzi ibyishimo
Imbabazi n'amahoro ko ari ingenzi
Mbona nta gipimo nabipimisha
Mbirenga ku munzani w'ubukristu
Ndicara ndatuza mererwa neza.

23. Impuhwe ubudahemuka
Byinjira mu bantu benshi
Amahoro aganza mu mitima ya benshi
Aha intebe zirabazwa
Buri wese yicara ku ntebe ye y'amahoro.

24. Ahu!!! Reka nduhuke

20.Akaga nabonye narakumvise
Muntu reka nguhe agaciro kawe
Kuko ugizwe n'ibintu bitatu
Umubiri umutima n'ubwenge
Roho yawe ndeke kuyitera agahinda
Kuko nayishegeshe
Ntaramenya ukuri nyako kwa buri wese.

25. Turanze tubaye ubukombe
98 dutangira bitugoye
Gukubitwa no gufungwa
Sinigeze ncika intege mu bandi.

26. 2008 turasoje tugiye dusanze abadutumye
Uko nabaye intwari mu bigoye
Nzakomeza ubwo butwari.

27.Ntwari mwitangiye ubutabera n'amahoro
Turabashima.
Murakagwira nk'ubwoya bw'inka
Murakaramba nk'ubwatsi bwazo.

28. Indatenguha mu bakuru
NTAMUHANGA Tereza
Paruwasi Kivumu.

BUZIMA JYA EJURU TERA IMBERE

N D L R

Buzima jya Ejuru ni Umuryango w'Agisiyo Gatolika w'abasheshe akanguhe ukorera ku isi hose . Mu Rwanda watangiriye muri Diyosezi ya Nyundo, none utangiye no kugera mu zindi Diyosezi . Twavuga nko mu Gatsata muri Arikidiyosezi ya Kigali ; Kibangu na Nyarusange muri Diyosezi ya Kabgayi. Ubwo umuyobozi w'uwo muryango mu rwego rw'Igihugu Nathalie Icyimpaye yasuraga abanyamuryango bo muri Paruwasi ya Kibangu, umwe mu banyamuryango yamugejejeho umuvugo ugaragaza uko abasheshe akanguhe bagira uruhare mu gukwirakwiza umusemburo w'amahoro muri Kiliziya ya Yezu Kristu. Reka tubareke mubyisomere.

Nguyu umunsi utagira uko usa
Uteye abasheshe akanguhe gususuruka
Twabaye umwe nta kimwaro
Kuko dushorewe n'Iyaduhanze

Yezu Rukundo, Yezu Mukundwa
Uri Umwami ukaba umubyeyi
Utanga amahoro n'ibyishimo
Mu bibazo byinshi tuguhanze amaso
Kuko n'ubundi uri igisubizo
Abasheshe akanguye turakwiyeguriye.

Yezu udukunda Yezu dukunda
Twarebye byinshi twumva byinshi
Dusanga byose nta kavuro
Nyamara kwibanira nawe iminsi yose
Ni cyo cy'ingezi simbabeshya.

Nubwo imibiri ifite intege nke
Roho zacu turazigutuye
Nizijye ejuru mu byiza byawe
Roho waduhaye adutere imbaraga
Tugire urukundo ndetse twizere
Ukwemera nk'agakoni twicumba
Yezu Rukundo turakwizeye.

Abasheshe akanguhe twihe agaciro
Twirinde imivumo mu bana bacu
Tubifurize imigisha n'inema nyinshi
Tubatoze gukunda buri wese
Basenge kenshi nta buryarya
Roho w'Imana abarinde ibirangaza.

Roho mwiza uri indahangarwa
Twaraguhawe ngo utube hafi
Ntako utagira ngo tumenye Imana
Komeza uturinde icyaha uturinde icyago.

Roho wa Data turagushima
Twebwe twese turakwituye
Utube hafi dukomere cyane
Ingabire zacu zubake abandi
Mu bwiyoroshye n'ubugwaneza
Tugire urukundo tugirane inama.

Yezu wazutse nitumwimike iwacu
Tumuhe icumbi yiyicarire iwacu
Ibiturushya abicoce
Adutoze gukunda
Kuko yitwa Rukundo.

Niduhe amahoro abavandimwe bacu
Tube abanyamahoro dukunde amahoro
Twamamaze ibyiza bya Nyagasani

Nidusabe kuzitahira neza
Tutanduranyije tudasize umugayo
Iby'isi ntibikadutware umutima
Ngo twibagirwe ibyiza biri
imbere duteganyirijwe.

Ibyo Yezu Kristu adukorera buri munsi
Nabishimirwe abyubahirwe mu bandi
Haba mu ijuru no kwisi yose
Yezu wacu ni igitangaza.
Bikira Mariya naduhakirwe

Murakoze kuntega amatwi.

Mariya NYIRABASHOZA
Buzima jya Ejuru
Paruwasi KIBANGU

IJAMBO RYA PEREZIDA WA KOMITE NYOBOZI YA PARUWASI KIBUYE, KUWA 12.10.2008, MU MISSA Y'UMUNSI MUKURU Y'UMUGANURA WA PADIRI KUBWIMANA INNOCENT.

-Banyakubahwa Basaserdoti ? Ntumwa za Yezu ,
-Banyakubahwa mwihaye Imana mu miryango inyuranye y'Abihayimana ,
-Banyakubahwa Bayobozi mu butegetsi bwa Leta mu nzego zinyuranye,
-Bashyitsi bavandimwe muri hano,
-Bakristu mwese muteraniye hano,
Kristu Yezu akuzwe.

Bakristu babyeyi, bavandimwe, mbere y'uko mvuga ijambo mwantumye, nagira ngo mbasabe mumfashe tubanze turamutse, tunasuhuze Abasaserdoti bose mubona hano imbere yanyu.

Bakristu muteraniye hano mwese, ndagira ngo na none mbanze mbashimire mwese uko mungana uku, kuba mwaje kwakira ku mugaragaro Padiri Mukuru Jean Paul RUTAKISHA na Padiri Elie HATANGIMBABAZI.

Ndagira ngo kandi mbashimire ko mwaje kwakira Padiri KUBWIMANA Innocent, umwana wanyu kuri bamwe, umuvandimwe wacu, Umusaserdoti w'imfura Paruwasi Kibuye yibarutse tariki ya 20.09.2008 i Kiziguro muri Diyosezi ya Byumba.

Ndagira ngo mbamenyeshe kandi ko uyu munsi dusezera ku mugaragaro kuri Padiri Mukuru Gaudens MURASANDONYI, twabanye muri iyi paruwasi imyaka itanu yose. Ntabwo ari hano muri uyu muhango kubera impamvu yagize ariko yadutumyeho ko turi kumwe ku mutima kandi ko ashobora kuza kuba ari kumwe natwe mu kindi gice cyateguriwe uyu munsi.

Bakristu bavandimwe, uyu munsi ku itariki ya 12.10.2008, Paruwasi Kibuye ikomeje ibyishimo yatangiye tariki ya 22.6.2008 ubwo twari kumwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo wahisemo gusoreza icyumweru cy'uburezi Zone Pastorale Kibuye, muri Paruwasi yacu ya Kibuye.

Umwepiskopi mu nyigisho ikomeye yagejeje ku bari bitabiriye uwo munsi muri rusange, by'umwihariko urubyiruko, yavuze ko uburezi butagira ukwemera, uburere budafite ibyo bintu buba ari imfabusa.

Umushumba wa Diyosezi yacu yatubwiye ibintu byinshi bitwubaka ariko ibyo twakwibukiranya ni ibyo ngibyo bigize umuntu nyamuntu. Nibi birori turimo ubu, turabikesha abahawe uburezi bubonekamo ziriya nkingi 4 zibugize.

Paruwasi Kibuye na none ikomeje ibyishimo yarimo ku itariki ya 29.6.2008 ubwo yizihizaga ku nshuro ya mbere mu myaka 47 imaze ishinzwe, umunsi mukuru wa Mutagatifu Petero Intumwa, Umurinzi wa paruwasi Kibuye.

Padiri Mukuru Gaudens MURASANDONYI,mu nyigisho ye y'uwo munsi, yavuze birambuye ku murimo wa gitumwa muri Kiliziya ya Yezu.

Bavandimwe, kwibukiranya iminsi mikuru paruwasi yagiye ikora cyane cyane muri uyu mwaka ntabwo ari ukurondogora, ahubwo ni ukwibukiranya ko umunsi mukuru wose muri paruwasi, amagambo y'Abashumba b'Intama za Yezu avugirwamo aba ari ubutumwa burimo inyigisho zitwubaka buri munsi mu buzima.

Uyu munsi rero tariki ya 12.10.2008, paruwasi Kibuye ikomeje ibyo byishimo yakira abasaserdoti: Padiri Mukuru Jean Paul RUTAKISHA na Padiri Elie HATANGIMBABAZI uzajya afasha paruwasi Kibuye mu mirimo y'Iyobokamana abifatanyije n'ubuyobozi bwa CARITAS muri Zone Pastorale Kibuye.

Uyu munsi kandi, turakira Padiri KUBWIMANA Innocent.

Bakristu bavandimwe, wenda muri mwe hari abibaza bati : ko Padiri Mukuru Jean Paul na Padiri Elie tumaranye nabo iminsi hano kuri paruwasi, tukababona mu ma santarali, tukababona mu nkambi ya Kiziba, kubakira ubu aho ntibyaba ari impita gihe ? Oya ntabwo ari impitagihe.

Muri iyi minsi mike ishize turi kumwe nabo, twabanje kubafasha gushyira ibintu bazanye mu myanya yabo. Ivarisi ishyirwa aho yagombaga kujya, igikapu gishyirwa aho cyagombaga kujya n'ibindi n'ibindi gutyo.

Rero ibintu tumaze kubishyira ku murongo mu buryo, twasanze byasozwa n'uyu munsi wo kubifuriza twese hamwe ikaze muri paruwasi Kibuye, tubabwira ko amarembo yuguruye, imiryango ikinguye, tubabwira ko baje bisanga mu babo, ngo bakomeze bagubwe neza nk'uko bigaragara.

Nyakubahwa Padiri Mukuru Jean Paul, paruwasi Kibuye mwoherejwemo na Nyiricyubahiro Musenyeri ngo muyiyobore, yaragijwe Petero Intumwa. Yashinzwe muri 1961, ikaba ari imwe mu ma paruwasi 21 agize Diyosezi ya Nyundo, ikaba kandi imwe mu ma paruwasi 10 agize Zone Pastorale Kibuye.

Iri mu Burengerazuba bw'Akarere ka Karongi. Mu majyaruguru ya paruwasi Kibuye hari Paruwasi Mushubati, yashinzwe muri 1935. Mu majyepfo hari paruwasi Gisovu yashinzwe muri (**1993)**,mu majyepfo ashyira Iburengerazuba hari paruwasi Mubuga yashinzwe muri 1933, Iburasirazuba hari paruwasi Birambo yashinzwe muri 1947, Iburengerazuba Paruwasi Kibuye ikikijwe n'ikiyaga cya Kivu.

Paruwasi Kibuye igizwe n'amasantarali atatu(3) n'inama z'imirenge 19 n'imiryango-remezo 52.

-Santarali Kibuye paruwasi ifitemo icyicaro igizwe n'inama 9 n'imiryango-remezo 22,
-Santarari Ruragwe igizwe n'inama 6 n'imiryango-remezo 21,
-Santarari Gitesi igizwe n'inama 4 n'imiryango-remezo 9.

Paruwasi Kibuye ifite aba kateshiste 18 b'abakorera-bushake bitangira kandi barangiza neza umurimo bakora.

Komite 3 za paruwasi zirahari, ariko komite ncungamutungo ntiyuzuye. Izo komite no mu masantarali zirahari.

Muri paruwasi hari n'izindi komite na komisiyo:

-Hari komisiyo y'ubutabera n'amahoro,
-Hari komite ya Caritas,
-Hari komite y'urubyiruko,,
-Hari komite y'abakozi,
-Hari komite ya Liturujiya,
-Hari komite mpuzamiryango ya Agisiyo Gatolika.

Paruwasi Kibuye ifite imiryango ya Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga igera ku munani, ariko izwi ko ikora ni : -Legio Maria,-Charismatique,-Abanyamutima Mutagatifu wa Yezu, -Abasaveri,-Aba néo-cathecumenat,-Aba AGI.

Paruwasi Kibuye ifite ibigo 10 by'amashuri abanza:

-Muri Santarari Kibuye hari ibigo 4: Gasura, Gitarama, Karongi na Kibuye.
-Muri Santarari Ruragwe hari ibigo 4: Muvungu, Nyabikenke, Nyagisozi na Ruragwe.
- Muri Santarari Gitesi hari ibigo 2: Gitesi na Muvungu.

Amashuri yisumbuye paruwasi Kibuye ifite ni Collège S^{te} Marie gusa, ariko muri E.T.O Kibuye no muri K.H.I Nyamishaba, paruwasi ihafite communautés z'abanyeshuri gatolika.

Ubukungu bwa paruwasi Kibuye ni abakristu bayo, ubu babarirwa hagati ya 4.000 na 5.000, mu gihe mbere ya jenoside bari hafi 15.000.

Mbere ya jenoside, abakristu mu missa ya mbere buzuraga Kiliziya, mu missa ya kabiri bikaba uko ndetse hakaba n'abicara hanze ku ibaraza, abo mu ma santarari bataje.

Ubu ngubu mu missa zombi, usanga mu Kiliziya hari imyanya irimo ubusa. Kiliziya yuzura iyo habaye missa imwe cyangwa iyo abakristu bo mu masantarari baje.

Uko kuba abakristu ba paruwasi Kibuye ari bake, hari impamvu 3 zabiteye cyangwa se zibitera :

1) Hari jenoside yahitanye abakristu benshi muri iyi paruwasi,

2)Hari abakristu bahunze bapfiriye mu buhungiro, hakaba hari n'abataratahuka.

3)Hari amadini menshi akikije iyi paruwasi, bamwe mu bakristu bacu bagiyemo kubera gushiduka bitewe n'amarere babona muri ayo madini cyangwa se kubera izindi mpamvu zabo bwite zinyuranye.

Muri uyu mugi wa Kibuye, mu Kagari ka Kiniha honyine hari amadini n'amatorero 14, paruwasi Gatolika itarimo. Ayo matorero n'amadini ni : E.P.R, Adventiste, ADEPR, EAR, UEBR, Assemblée de Dieu, Néo-Apostolique,Restauration chuch, Gauchen, EEAR, Témoins de Jehovan, Eglise Vivante, Eglise Méthodiste Libre, Islam n'andi tutazi amazina yayo.

Nubwo ariko hari ubwo bwinshi bw'amadini n'amatorero maturanyi ya paruwasi Kibuye, abahisemo kuyoboka Kiliziya Galolika nta kibaca intege. Buri mwaka paruwasi Kibuye irabatiza, abagarukiramana bariyongera barimo n'ababa bagarutse bava muri ayo madini cyangwa se amatorero.

Nyakubahwa Padiri Mukuru Jean Paul,

Nyakubahwa Padiri Elie,

Ndagira ngo abakristu bari hano bongere babampere amashyi n'impundu kuko muje muri paruwasi Kibuye mwisanga.

Muje mwisanga kuko musanze Padiri Gilbert Ntirandekura. Ni mutarambirwa, akaba Mudaheranwa n'ibitotsi kabone n'iyo igicuku cyaba kinishye kangahe. Ni Rudakangwa n'imvura n'ubunyereri, nta zuba rimubasha, nta mavunane ajya agira iyo atabaye umurwayi. Ni Mutiganda gutabara umukristu batabarije no guhumuriza umukristu wese uri mu ngorane. Ni intwari mu butumwa bwa Yezu.

Twizeye tudashidikanya ko mwebwe nka bakuru be muzafatanya gukomeza urugamba rw'ingoma y'Imana, Petero Mutagatifu akazabafasha kutugeza ku ntambwe Yezu atwifuzaho.

Muje na none mwisanga kuko muje musanga abakristu, imbaga y'Imana mushinzwe iri hano imbere yanyu ikaba inamaze kubakira.

Bakristu ba paruwasi ya Kibuye,

Uyu munsi na none turakira Padiri Innocent Kubwimana. Umusaserdoti w'imfura ya paruwasi Kibuye.

Mbere y'uko nkomeza ijambo, ndagira ngo mbasabe mwese uko muri mu byiciro by'imyaka inyuranye, mushimire Imana Nyagasani, muyivugirize impundu, muyikomere amashyi kuko ikuye paruwasi Kibuye mu bugumba yari imaranye imyaka 47. Iduhaye Padiri Innocent Kubwimana, nimushimire Yezu Nyagasani.

Burya iyo umuntu yishimye ntabona n'icyo avuga, uretse nyine gutwarwa n'ibyishimo.

Mu kinyarwanda baravuga ngo Imana iraguha ntimugura. Iyo tuba abagura nayo tuba twarabikoze tukagura umusaserdoti, tukamwita kavukire kuko uruvange rw'amagambo kuri paruwasi Kibuye yo kutagira umusaserdoti uyivukamo, yabaye agatereranzamba bigera n'aho ahinduka ururondogoro.

Mu kinyarwanda na none baravuga ngo Itangishaka kandi ngo Irumva. Nta mwaka ushira Umwepiskopi adasuye paruwasi zose zo muri Diyosezi ye. Hano muri paruwasi Kibuye, ikibazo cyo kutagira umusaserdoti nibura umwe w'imbuzakurahira kavukire wa paruwasi ntitwaburaga kukimubwira.

Mu mwaka w'2006 turi aha ngaha, ikibazo twakivuzeho, Umwepisikopi Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere, yadusubije atubwira ko usaba Imana atarambirwa. Ati : Abasaserdoti batangwa na Yezu. Ati : mukomeze musabe, ati ariko mu gusaba kwanyu muzirinde kwijujuta. Ati : Imana irumva kandi isubiriza igihe ishakiye.

Nyiricyubahiro Musenyeri, iryo yavuze riratashye, abavugaga ngo paruwasi Kibuye irazinze, nibamenye ko nta ruzingo yari ifite, ni uko igihe Imana yari yaragennye cyari kitaragera. Niba kandi rwari runahari, ku bubasha bw'Imana Padiri Kubwimana Innocent araruciye. Ejo cyangwa ejo bundi azaba yakurikiwe.

Bavandimwe rero, Imana niyo igena kandi niyo izi imigambi ifitiye ibyo yaremye byose.

Nyakubahwa Padiri Innocent Kubwimana, mfura paruwasi Kibuye yibarutse mu myaka 47 imaze ishinzwe, uje uri imfura izakurikirwa. Paruwasi umubyeyi ikwibarutse mu zabukuru ntizabyara umwe nk'ingwe, ntabwo izahagarara kubyara. Ejo izaba yabyaye ubuheta, ejo bundi ibyare ba Nyandwi, ba Nyaminani, ba Nyabyenda, ba Macumi naba Misago izababyara.

Ntawe uhata Imana, itanga uko ishaka kandi itanga igihe ishakiye, Padiri Innocent irakuduhaye, igukuye mu Basaserdoti b'Umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu na Bikira Mariya. Ninde wari ubizi ko Imfura mu Basaserdoti ya paruwasi Kibuye izaturuka muri uwo muryango ? Imana nibishimirwe n'ahandi izahakura abandi.

Dukomeze rero dushimire Imana, yo iba izi byose, ikamenya n'uburyo ibishyira kuri gahunda.

Dukomeze kandi dusabire Padiri Kubwimana Innocent kuzarangwa no guharanira gufasha abaciye bugufi no gukwiza inkuru nziza ya Yezu mu gihugu n'ahandi hose Imana izamwohereza mu butumwa.

Dushimire kandi ababyeyi be b'umubiri n'aba roho, tubashimire uburezi bamuhaye butumye agera kuri uru rwego rw'Ubusaserdoti.

Abamwigishije bose kuva muri primaire kugeza abaye Padiri kimwe n'abamufashije bakanamushyigikira muri urwo rugendo, cyane cyane Abasaserdoti b'Umuryango w'Umutima Mutagatifu wa Yezu na Bikira Mariya, nibishimire ko imbuto babibye yaguye mu gitaka cyiza none itanze umusaruro ushimishije.

Abakristu namwe mwakomeje gusenga, biragaragara ko mu masengesho yanyu mwasabanye ukwemera no kwizera none Imana itangiye gutanga ibisubizo. Nimukomeze rero muyishimire ineza itugiriye.

Bakristu bavandimwe,

Nk'uko natangiye mbivuga, uyu munsi paruwasi yacu iri mu byishimo byo kwakira Padiri Mukuru Jean Paul na Padiri Elie, kwakira Padiri Innocent Kubwimana no gusezera kuri Padiri Mukuru Gaudens ndetse na Padiri Gérard.

Nk'uko mubizi, Padiri Mukuru Gaudens wabaye hano imyaka itanu(5), yahamagawe kujyana ubutumwa bwa Yezu muri paruwasi Mushubati, naho Padiri Gérard wabaye hano imyaka cumi(10) ashinzwe cyane cyane ibikorwa bya CARITAS na Home S^{t} Jean yoherejwe na Yezu mu butumwa muri paruwasi Kinunu.

Bakristu bavandimwe, kubona umuntu mwabanaga neza mu mirimo ikomeye nk'iyo Abasaserdoti bashinzwe yo kuyobora Kiliziya no kuyobora imbaga y'Imana mu cyimbo cya Yezu, kubona umuntu nk'uwo agiye bitera akantu abo asize, ariko nta kundi byagenda. Abasaserdoti ni Intumwa zigomba kugeza ijambo ry'Imana ku bantu bose n'ahantu hose.Yezu ati : Nimugende mwigishe amahanga yose dore kandi ndi kumwe namwe iminsi yose ; Mc26,18-20. Cardinal Karori Lavigerie nawe yunze mu rya Yezu agira ati : mube intumwa ntimugire ikindi muba cyo kinyuranyije n'iyo ntego.

Umusaserdoti ni Intumwa ya Yezu, ibindi waba umushakaho sibyo. Nawe ibyo yakora atatumwe na Yezu sibyo.

Uyu munsi rero, paruwasi Kibuye irasezera mu byishimo kuri Padiri Mukuru Gaudens wimuriwe i Mushubati ndetse na Padiri Gérard wimuriwe i Kinunu.

Izo ntumwa n'Intore za Yezu zimaze koherezwa i Mushubati n'i Kinunu, hari abakristu byatunguye kuko bumvaga ko wenda bitashoboka biyibagiza ko atari abanyakibuye bonyine bakeneye kugezwaho ijambo ry'Imana.

Kuba rero Padiri Gaudens na Padiri Gérard Yezu yarabohereje mu butumwa ahandi, tugomba kubyakira dutyo kandi tukabyishimira, kuko aho byajyaga kutubera ikibazo, ni uko Yezu atari kuba yaratwoherereje abandi bashumba.

Igihe rero twabanye n'abo bapadiri si gito. Turabashimira uburyo bwiza twabanye, turabashimira inama nziza baduhaye, turashimira buri wese mu butumwa yarimo, uburyo yitangiye kuburangiza.

Bakristu ba paruwasi Kibuye,

Muzi by'umwihariko ukuntu mwabanye na Padiri Gaudens, muzi ukuntu mwitsiritanaga buri munsi, haba hano kuri paruwasi mu bibazo binyuranye, haba se mu miryango-remezo yayisuye. Uburyo mwabanye murabuzi, kubasura, kubaha inama, gusangira nawe ijambo ry'Imana, gufatanya nawe mu bindi bikorwa biranga Intumwa za Yezu n'ibindi. Uwavuga ngo ntiyateye ikirenge mu cya Yezu, uwo nguwo yaba afite amaso ariko ntabone.

Uburyo yakoreye iyi paruwasi burashimishije, icyo mbona twamwitura ni ukumwifuriza gukomezanya umurava kwamamaza Inkuru nziza ya Yezu aho yoherejwe n'ubwo imyumvire y'abaho yaba itandukanye n'iy'abino aha.

Bavandimwe,

Nubwo Padiri Gaudens tutari kumwe hano ubu ngubu muri iyi mihango irimo ibera ahangaha, yohereje ubutumwa avuga ko turi kumwe, yongera kutwibutsa ko uyu munsi tugomba kuwufata mu minsi mikuru ikomeye y'amateka y'iyi paruwasi ibonye umupadiri wayo w'imfura mu myaka 47 imaze ishinzwe. Uwo rero uvugwa ni Padiri Kubwimana Innocent.

Bakristu ba paruwasi Kibuye,

Mu kinyarwanda, umubyeyi iyo aje kukwereka umwana, uwo mwana agira icyo ahabwa. Kiliziya ya Yezu nk'umubyeyi, umwana yabyaye yaje kumwereka paruwasi Kibuye undi mubyeyi, ni ku bw'iyo mpamvu paruwasi Kibuye umubyeyi weretswe umwana, yageneye uwo mwana impano cyangwa se izimano. Nyakubahwa Padiri Innocent, paruwasi Kibuye iguhaye inka izajya igukamirwa kugira ngo uzakure neza kandi uzakurikirwe.

Padiri Gaudens nawe, kubera ko yaragiye neza intama yari ashinzwe hano muri paruwasi Kibuye, akaba agiye i Mushubati nta n'imwe asize yarazimiye mu gihe yari amaze hano, paruwasi Kibuye imuhaye intama y'urwibutso rw'ubushumba bwiza yagaragaje.

Bakristu mwese muri hano, nimukomeze mwishime kandi munezerwe, munezeranwe n'Abasaserdoti bose Yezu Kristu yabatoyemo.

Umunsi mwiza kuri mwese.

BANYAGA Ignace
Paruwasi Kibuye

UMUVUGO : SHIMIRA UWAGUHANZE

Kibuye shimira Imana iragukunda
Kibuye shimira uwaguhanze
Kibuye reba hirya no hino
Urebe urukundo n'impuhwe Nyagasani
Akugirira maze uvuge uti shimwa Mana.

Ntukibaye umugi w'ikivume
Kuko Nyagasani yumvise amaganya
N'amarira yawe none akaba agukijije
Amenyo y'abasetsi, izina ry'ubugumba
Ukaba urisezeyeho;

Reka mbanze nshimire iyahanze
Aba babyeyi bo bemeye kwakirana
Urukundo icyo Nyagasani abageneye
Amezi icyenda bategereje bizeye
Yarangira bakabona agahozo

Nyagasani yabageneye ntibakihererane
Ngo bakagire akabo, bakagatura uwagahanze
Mu ngoro ye na ko kakiga gutaguza gasanga
Litari ya Nyagasani kakemera kumwiyegurira
Ntigasebye izina ry'uwagahanze.

Ngaka agahozo ka paruwasi ya Kibuye
Ngiki igisubizo cy'ibibazo byahangayikishije
Benshi aho buri wese yibazaga niba Kibuye
Itabyara abahungu cyangwa niba ababyeyi
Baho ari ingumba.

Mbega Nyagasani ngo araduhoza nkuko
Yahojeje Ana! Amasengesho yacu avanze
N'Amarira Nyagasani yarayumvishije none
Uko yahaye Ana Samuel ho igihozo niko
Iduhaye Kubwimana Innocent ho igisubizo.

Dore umunsi utagira ukusa
Dore umunsi utazibagirana muri paruwasi
Ya Kibuye tariki 20/09/2008 ni umunsi
Usibanganije izina ubugumba ni itariki
Y'ibyishimo Nyagasani aduhojeje amarira;

Padiri Kubwimana Innocent reka nkurate
Urabikwiye nkuvuge ibigwi,nkuvuge imyato
Nguhunde ibisigo n'ibisingizo ubaye imfura
Mu bahungu, ubaye icyerekezo cy'Imana
Wanze gusebya izina ry'Uwaguhanze.

Erega burya izina niryo muntu
Umunsi Nyagasani akuremera mu nda
Y'umubyeyi wawe ntibeshye mwavutse
Muri impanga utangira guhimbwa agatama
Ukiri mutoya abana barikwise bari beretswe;

Burya niho ubutorwe bwawe bwatangiye
Kwigaragaza nubwo uwo mwavukanye
yatabarutse akiri muto Nyagasani Yamugeneye
ibimukwiye none nawe Komeza inzira
watangiye
Wibere ntama w'Imana.

Padiri Kubwimana Innocent
Ubaye intwari ku rugamba, ubaye
Rudacogora ku mihigo, ubaye urugero
Rwiza mu basore, ubaye igihozo cya
Paruwasi Kibuye ishema n'ubutwari.

Ubyawe ni Umutima Mutagatifu wa Yezu
Toza abakuri inyuma kwiyegurira
Nyagasani
Komeza ikirenge aho icya bakuru bawe
Mwicaranye kivuye kuko bakinyujije aho
Nyagasani ashaka kandi babereye abandi
urugero.

Mfura yacu uracyari mutoya rangamira
Uwaguhanze maze umusabe ingabire
Y'ubuhanga n'ubushishozi ahore agushyira
Imbere abakubanjirije mu kumwiyegurira
Maze nawe usabire abasigaye.

Reka mbashimire kiziguro we
Ngiki icyuzuzo kiduhuje naraje ngaruka
Nseka akimara kuvuka Cyuzuzo ari mu byahi
Impundu zibona umwanya. Ngicyo icyari cyiza
umunsi wo guturaga cyashimishije benshi.

Abamubereye abatoza mu kwiyegurira
Nyagasani, imbuto mwabibye zireze
Zibyaye umusaruro mwinshi kandi usonzoye
Benshi kuko udukuye mu nzara mbi Nyagasani
Abongerere imigisha kare ijana.

Reka nshimire Abasaserdoti Nyagasani
Yahamagaye n'abakiri kumwe natwe kuva
Paruwasi yacu yashingwa mu w'1961 bemeye
Kutugezaho Inkuru Nziza ya Yezu Kristu
Bakemera kugera ikirenge mu cya Paulo.

Bihanganiye byinshi byabananizaga
Imisozi miremire bakayiterera ntibaruhuke
Kugeza Yezu ku batagishoboye kuva mu rugo
Abo ni nk'abasaza, abakecuru n'abarwayi
B'abakristu bahabwa amasakaramentu

uko bikwiye. Baharwanye urukomeye nyuma
Y'amahano yabaye mu gihugu cyacu mu w'1994
Umwanzi yashatse ko ukwemera gusibangana
Aho yigabije paruwasi yacu ngo ayihindure
Amatongo ariko Petero Umurinzi wayo

Yarahatubereye mu w'1995 amadini
Avuka ku bwinshi, abadafite ukwemera
Bibwira ko inzira ya Paruwasi ifunzwe
Ariko agati gateretswe n'Imana ntigahungabanywa
n'Umuyaga uko bibwiraga.

Siko biri kuko dutaramiye Nyagasani
Umwepiskopi yatwohereereje abasore
Bintarumikwa biyemeje kwegurira ingufu
Zabo Nyagasani maze si ugutarura intama
Zazimiye bakoze amanywa n'ijoro ntibaruhuka.

Ntibigeze bijana mu gukorera uwabahanze
Ntibaciwe intege yuko nta n'uwo twibyariye
Ubafasha bakoze ubutumwa bahawe ariko
Ntibahwemye mu kudusabira amavi yabo
Yahoraga hasi none igisubizo kirabonetse.

Mubo mbonesha amaso baturi hafi namwe
Muzi aho badukuye wareba nk'inararibonye
Mu kwemera Muzehe Padiri Gasigwa Modeste
Ibigwi bye murabizi naho yakuye paruwasi yacu
Mwibuke n'amatongo yari irimo.

Intarumikwa n'ubutwari Padiri
Murasandonyi Gaudence
Ingendo ze mu misozi miremire ntawe
Nazibwira murazizi, abo yagaruye kuri
Alitari ni benshi ni mumumpere amashyi.

Uwo Nyagasani yarasiyeho imirasire y'urukundo
N'impuhwe Ntirandekura Gilbert aho atugejeje
Murahazi ku isengesho nakomeze asusurutse
Ingoro ya Nyagasani ntizagire igihunga akiyihumekeramo
Nakomeze ayisusurutse;

Haje abageni twiyarikiye batwikururanwa
Ishema n'ubutwari uwo ni P. Rutakisha J.Paul
Padiri Hatangimbabazi Elie ni mwicare mugubwe
Neza Murasandonyi yasize aharuye n'abakristu
Kandi tuzaberekera.

Mfura yacu Padiri Innocent, hari benshi babaye
Intwari batwara Kibuye bayigeza ku kwemera
Kandi batayivukamo, none igihe kirageze ngo
Wowe uyivukamo ushyireho akawe, nubwo uyizi

Kubarusha ntuzatinye kubagisha inama kuko
Nta muhanga mu by'Imana kandi bakuboneye
Izuba muri byose. Ngaba ababyeyi nguwo
Umuryango mushya Nyagasani akwinjijemo
Ntuzatatire igihango wagiranye n'Umutima Mutagatifu wa

Yezu n'Umubyeyi Bikira Mariya bo wisunze.
Ababyeyi tugufatiye iry'iburyo n'amasengesho ya
Kiliziya akuri inyuma, umuryango-remezo
W'Abakurikiye Yezu ukomokamo uragusabira
Guhora inyuma ya Yezu.

Uragahora uri Umusaseridoti wa Nyagasani iteka.

Mukarusengo Jeannette
Paruwasi Kibuye

UMUVUGO : IMPARIRWA KURUSHA

Shuri shingiro ry'ubwenge
Shuri nshakiramo ubuhanga
Tugane ishuri tujye guhaha

4.Ubumenyi isoko y'ubuzima.

Ndavuga ishuri se w'abahanga
Mbanze ndate abarezi bacu
Batwitangira buri munsi
8.Ntibatinye amanywa y'ihangu.

Ntacyo nabona nk'igihembo
Uretse kwiga nshyizeho umwete
Ngakunda ibyiza ibibi nkabyanga
12.Ntimugosorere mu rucaca.

Nanjye bimpa akanyamuneza
Bikantera ishema mu bandi
No kwitwararika ibyo niga
16.Ngo nirinde kubatamaza.

Twana duto tungana nange
Mwumve mbacire akagani keza
Baca umugani mu kinyarwanda
20.Ngo izibika zose zari amagi.

Menya ko mwarimu ukwigisha
Yaje kwiga ari muto nkawe
Atazi kandi gufata itushi
24.Maze arabyiga arabyigana.

Na muganga usana abarwayi
Izo ndembe ziza zitaka munda
Agasobanura amara yazo
28.Nubumenyi bwo mu ishuri.

Ubwo buhanga butuma ahembwa
Akabaho neza akanezerwa
Yaba yicaye hamwe atuje
32.Ati: ubumenyi n'isoko y'ubuzima.

Rabagirana Ruragwe nziza
Abana bawe turakurata
Horana ihirwe mu bihe byose
36.Ijabo ryawe ntirite ijambo.

Ndubuvivi bwo mu ishuri
Abambanjirije ni benshi
Nciye akenge njinyuma yanyu
40.Ngo ntazakandagizwa uruzungu.

Murezi wuzuyemo urukundo
Mubyeyi urerera Igihugu cyawe
Ugahora urangwa n'imico myiza
44.Amaboko arembuza abagusanga.

Ikivi untangiza nzacyusa
Ntabwo nzaba igihararumbo
Ubone ko utaruhiye akamama
48.Maze Imana iguhore hafi.

Icyampa kugira inema y'ubuhanzi
Cyangwa inganzo nk'iyabasizi
Nkagusingiza uko bikwiye
52.Wowe nkesha ubumenyi isoko y'ubuzima.

Banyeshuri tuvindimwe
Rubyiruko rwuru Rwanda
Nimuze twese tugire ishyaka
56.Ubumenyi n'isoko y'ubuzima.

Hirya y'ejo huru Rwanda
Nahasiganuje abansumbye
Nsanga hazaba abahanga
60.Bize iby'ikoranabuhanga.

Reka nsoze nzasubira
Nkomeze mpimbe mpanga ibyiza
Imbaga nyamwinshi igatega yombi
64.Twese tukiyubakira ejo heza.

Twizerimana Rosine
Ikigo cy'amashuri abanza ya Ruragwe
Paruwasi Kibuye

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

Ku Gisenyi hafi ya Paroisse Stella Maris, hari ikigo ndangamuco cya Diyosezi ya Nyundo, kizwi ku izina rya "Vision Jeunesse Nouvelle". Icyo kigo kiyoborwa na Frère Gabriël Lauson wo mu muryango w'Abafureri b'Inyigisho za Gikristu (Frères de l'Instruction Chrétienne) .

Mu bikorwa bikorerwa muri icyo kigo, harimo guteza imbere sport mu rubyiruko rwiga n'urutiga batibagiwe n'abasheshe akanguhe, kuruvana mu bujiji : kwigisha gusoma , kwandika no kubara (Alphabetisation), kwiga indimi, kumenya gukoresha Ikoranabuhanga no kwigisha abana batavuga (ibiragi) bitewe n'impamvu zinyuranye, kumenya umuco nyarwanda (Culture), kwigisha Iyobokamana (Evangelisation) ndetse n'imyuga icirirtse (guhanga).

Ukwezi kwa 01 kugera mu kwa 02/09: Bamwe muri urwo rubyiruko rukorana na Vision Jeunesse Nouvelle rwibumbiye muri "club Imboni", rwerekanye Film hirya no hino, mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana.

Abiga gusoma, kwandika no kubara , bo bakoze ubusabane hagati yabo n'abayobozi babo, bishimira intambwe nziza bamaze gutera. Abagera kuri 80 nyuma y'amahugurwa babonye, boherejwe hirya no hino mu myuga itandukanye kugirango babashe kwiteza imbere.

Tariki ya 01/01/09: Ku munsi wa mbere w'umwaka, abakristu bari basagutse Katedrali ya Nyundo. Mu gitambo cya Misa Musenyeri Alexis Habiyambere yongeye kubibutsa gushimira Imana ibyiza byinshi Imana yatugiriye, anabashishikariza gutangirana umwaka umutima wibuka ko byose tubikesha Imana kandi ko idusaba guhora twunze ubumwe tugaharanira no kuba ingirakamaro kugira ngo duteze imbere imiryango yacu n'Igihugu cyose.

Tariki ya 07/01/09: Myr Alexis Habiyambere yari i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda, aho yayoboye inama y'abagize itsinda rihoraho ry'iyo nama (comité permanent).

Tariki ya 14 na 15/01/09: Abapadiri bose ba Diyosezi ya Nyundo bahuriye mu nama yabo isanzwe, ikaba nyine yari iya mbere y'umwaka, bifurizanya umwaka muhire. Muri iyo nama abashinzwe imirimo rusange muri Diyosezi batangarije Abapadiri ibyakozwe mu mwaka ushize, banabamenyesha gahunda bimirije imbere muri uyu mwaka wa 2009. Mu gusoza inama, abapadiri batashye ku mugaragaro Home St.Barthélémy yo ku Nyundo, yasanwe ikanavugururwa.

Abifuza kuhakorera inama amarembo arakinguye.

Tariki ya 18/01/2009: Kominote ya Emmanuel ku Gisenyi imaze kubona ko ingo nyinshi zitakigira akanya ko kuganira, haba hagati y'ababyeyi ubwabo, hagati y'ababyeyi n'abana , no hagati y'abana ubwabo; ibyo kandi bikaba byaba intandaro y'ibibazo ingo zikunze guhura nabyo; yateguriye igitaramo ingo z'abashakanye ndetse n'abibana, kigamije kunoza umubano no kunga ubumwe mu rugo, bafashijwe n'isengesho. Babonye akanya bamwe bari barabuze ko guhura, baraganira, basangira ifunguro, baridagadura, ndetse barabyina (biyibutsa n'izo twita iza kizungu) . Nibyo bise *"Akagoroba k'Abashakanye*"(Soirée des Couples).

Saa kumi n'imwe na cumi n'itanu (17h15') niho bose bahuriye mu nzu ndangamuco (Centre Culturel) yo ku Gisenyi, abashakanye bakiri kumwe agatoki ku kandi, abibana nabo barisungana, ubona ko bose bishimiye imbuto bari busarure muri ubwo busabane.

Bamaze kwibwirana no gusingiza Imana, babanje kugezwaho inyigisho yari yateguriwe ako kagoroba igira iti : "URUKUNDO MU RUGO IWACU".

Iyo nyigisho yabibukije byinshi kuko yatumye basubira ku isoko y'Isakramentu ryo gushyingirwa, bareba niba bataratatiye igihango bagiranye kuri uwo munsi. Basanze henshi mu ngo nta rukundo rukiharangwa, barebera hamwe inzitizi, maze bafata ingamba biyemeza kuvugurura umubano wabo. Batanze *ubuhamya* ku byabafashije ndetse batanga *n'ibyifuzo :*

Ubuhamya : Bamwe bati :

- Ntitwari tuzi ko dushobora kwishima nkuku twishimye.
- Sinashoboraga gutinyuka kuvugira mu ruhame, none kubera ibyishimo mbigezeho.
- Twajyaga duhishana imitungo n'ibindi, none birarangiye.
- Ntitwaherukaga gusangirira ku meza amwe none birangiriye aha.
- Najyaga nibeta umugore nkajya kubyina mu ma boîtes, ngataha mfite ubwoba, none ubu ntaribumbaze aho narindi kuko turi kumwe, kandi nsanze ko no mu rugo iwanjye nshobora kuhakeshereza igitaramo gishimishije, ntiriwe njya kure.
- Twajyaga tubura akanya ko kwicarana mu rugo rwacu ngo tuganire buri wese atege undi amatwi,

abana nabo tubagenere umwanya wo kubumva, none kuva uyu munsi, uwo mwanya ntuzongera kubura.

▪Bamwe ndetse ntitwaherukaga kuvugira hamwe isengesho mu rugo, none tugiye kurishakira akanya.

Ubuhamya bwabaye bwinshi ntawaburangiza, gusa icyagaragaye nuko bose bafashijwe kandi ntawatashye uko yaje, abari bafite ingo zijegajega bose bafashe umugambi wo kuzivugurura.

Ibyifuzo :

▪Bifuje kujya babona inyigisho kenshi zatuma barushaho kunoza imibanire mu ngo, kuko akenshi kutabikangurirwa, aribyo bikunze gutera ibibazo.

▪ Bifuje kandi ko akanya nkako ko guhura bakishima kazakomeza, kuko iyo wishimiye muri Kristu bitanga amahoro mu rugo rwawe, mu baturanyi, n'aho ugenda hose.

Bose batashye basingiza Imana, bamwe kandi biyemeza gufatanya n'abandi gusengera muri groupe Saint Paul.

Tariki ya 21 na 22/01/09: Musenyeri yayoboye inama y'Abapadiri bashinzwe umutungo muri Diyosezi zose zo mu Rwanda, bagena ibizafasha mu mirimo rusange Diyosezi zihuriraho n'ibigenewe Ihuriro ry'Inama y'Abepiskopi (C.EP.R).

Tariki ya 23/01/09: Umuyobozi w'Inama y'Abepiskopi yayoboye abatumwe kubonana na Ministre wa Finances kugira ngo bigire hamwe ikibazo cya GEMECA Rwanda.

Tariki ya 25/01/09: Nk'uko byasabwe n'Inama y'Abepiskopi, muri paroisse hose bijihije umunsi w'urubyiruko.

Tariki ya 26 kugera kuya 28/01/09: Inama rusange ya Caritas Rwanda ihuza Abepiskopi, Umuyobozi wa Caritas n'abashinzwe Caritas muri za Diyosezi, yateraniye muri Foyer de Charité yo kw'i Rebero h'i Kigali.

Tariki ya 01/02/09: Musenyeri Alexis Habiyambere yayoboye Misa yahuriyemo Abiyeguriyimana ba Diyosezi ya Nyundo, kuri uwo munsi nyine wabagenewe. Misa ihumuje baricaye barasabana.

Tariki ya 02/02/09 : Musenyeri Alexis Habiyambere yari mu Nama y'Ubuyobozi bwa Cité de Nazareth i Mbare (ni ikigo cyashinzwe na Papa cyita ku mfubyi).

Tariki ya 3 kugeza kuya 6/2/09: Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda yateranye mu gihe cyayo gisanzwe yiga ibizafasha mu mirimo rusange Diyosezi zihuriraho muri uyu mwaka wa 2009 (budgets des services interdiocésains).

Tariki ya 03/02/09 : Abepiskopi babonanye n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe iby'Uburezi bungurana ibitekerezo ku byerekeye ivugururwa ry'imyigishirize.

Tariki ya 09/02/09 : Umukuru w'Ababikira ba Bikira Mariya Mutagatifu b'i Namur yaje gusura Umushumba wa Diyosezi ku Nyundo. Yari azanwe cyane cyane no kumutumira muri Yubile y'imyaka 50 uwo muryango umaze mu Rwanda. Iyo Yubile izizihirizwa ku Kibuye ku itariki ya 21 Ugushyingo 2009.

Ababikira ba Sainte Marie de Namur batangiriye ku Mubuga muri 1959, aho bashinze ivuriro n'ishuri ryisumbuye, baza no gushinga ibigo ku Kibuye aho bafite ishuri ryisumbuye, n'i Kibingo aho batangije ivuriro rikiriho, uretse ko jenoside yatumye badashobora gusubirayo. Ubu bafite n'izindi ngo zikomeye mu zindi Diyosezi. Tubifurije Yubile nziza !

Tariki ya 10/02/09 : Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye guha inama za kibyeyi Abahire ba Nyina wa Jambo bari mu mwiherero ubategurira kuvugurura amasezerano yabo. Bayavuguruye bukeye kuwa 11 Gashyantare 2009. Kubera ko uwo muryango wari waratangiye, ufite abanyamuryango barenga ijana bari hirya no hino muri za Diyosezi (Nyundo, Kabgayi na Butare). Byabaye ngombwa ko Musenyeri Alexis Habiyambere ahagarika kwinjira kugira ngo abo bose babanze barerwe bikurikije amategeko ya Kiliziya. Ku itariki ya 01 Mutarama 2005, niho Musenyeri Alexis Habiyambere yemeye uwo muryango ku mugaragaro. Maze ku itariki ya 11/2/2005 abari bamaze kurerwa basezeranira mu ruhame imbere y'Umwepiskopi. Ubwo yari inshuro ya gatanu bavugurura amasezerano yabo.

Tariki ya 15/02 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yaturiye igitambo cy'Ukaristiya mu Iseminari nto yo ku Nyundo, atangiza ku mugaragaro umwaka w'amashuri, biba n'umwanya wo gushima

Seminari kuko abana barangije Tronc commun babaye aba kabiri ku mashuri 560 yo mu Rwanda rwose.

Tariki ya 21/02/09 : Madame Inge wo mu ishyirahamwe ryitwa « Enfants Orphélins du Père Martin Bajyambere », yaje gusura Umushumba wa Diyosezi. Uwo mushinga ufasha abana benshi mu byerekeye amashuli muri Diyosezi yose.

Tariki ya 25/02/09 : Igisibo cyatangiye hose, kandi tugitangira turi muri uyu mwaka wa Paulo Mutagatifu. Ahenshi bashishikarije abakristu kuzifashisha inzandiko za Paulo Mutagatifu kugira ngo turusheho kwivugurura mu buzima bwa gikristu.

Tariki ya 05/03/09 : Abahagarariye amadini bagiranye ikiganiro n'Umunyamabanga Mukuru wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Tariki ya 07/03/09 : Padiri Edouard NTURIYE yaburanishijwe n'Urukiko Gacaca , akatirwa igifungo cya burundu cy'umwihariko.

Tariki ya 10/03/09 : Abepiskopi bagize itsinda bita Akanama Gahoraho (Comité Permanent) bateraniye i Kigali.

Tariki ya 11/03/09: Ku Gisenyi kuri Stade Umuganda, habereye isengesho ryo gusabira abarwayi ryayobowe na Frère Pio KINTU ukomoka mu Gihugu cya Uganda akaba ari uwo mu muryango w'Abafransiskani ba Mt.François d'Assise. Ryabanjirijwe n'igitambo cya Missa yayobowe na Padiri Mukuru wa Paroisse ya Gisenyi, ari kumwe na bamwe mu Basaserdoti.

Iryo sengesho ryitabiriwe n'abakristu benshi bavuye impande zose, barimo n'abanye Congo baje barangajwe imbere n'Umusaserdoti wabo.

Frère Pio amaze iminsi mu Rwanda, akaba afite impano yo gusabira abarwayi kandi akirukana amashitani. Hano ku Gisenyi, ndetse n'ahandi yashoboye kugera hose, yafashije benshi mu bari barahanzweho na roho mbi, agarura n'abari barataye ukwemera muri Kiliziya Gatolika bari baragiye mu yandi madini. Yashishikarije abantu gukunda igitambo cy'Ukaristiya kuko ariho turonkera umukiro, tukahakura n'imbaraga zituma dushobora gukora ugushaka kw'Imana. Yongera kubashishikariza kwisunga Umubyeyi Bikira Mariya , bihatira kumwiyambaza bavuga ishapule buri munsi, mu kizere cy'uko azaduhakirwa ku Mwana we, kuko ariwe Muvugizi wacu. Ati nimwemera ko Imana ari Umusumba byose, waremye ijuru n'isi n'ibiyiriho byose, mukemera kandi mwizera ko ibafitiye urukundo rw'indengakamere kandi ifite ububasha ku byo yaremye byose, ntimuzongera guhangayikishwa n'imibabaro muterwa n'indwara ndetse n'ibindi, mupfa gusa kuyemerera maze Yo yonyine ikabigarurira.

Bamwe mu bakiriye muri iryo sengesho, ubu baratanga ubuhamya muri paruwasi zabo.

Tariki ya 20/03/09 : Umukuru w'Umuryango wa Mutagatifu Boniface (Institut Saint Boniface) uba mu Budage , yaje ku Nyundo kuramutsa Umushumba wa Diyosezi. Abiyeguriyimana b'uwo muryango bafite urugo muri Paruwasi ya Gisenyi ahitwa Mbugangari.

Tariki ya 22/03/09 : Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yizihije imyaka 12 amaze ari Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Nta birori bihindagana ahubwo wabaye umunsi w'umushyikirano, abantu baza kumufasha gushimira Imana ibyiza igirira Diyosezi ya Nyundo ibimunyujijeho.

Tariki ya 25 kugeza kuya 29/3/09 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda n'abo mu Burundi bahuriye mu nama yabo ibahuza (ACOREB). Bayikoreye i Gitega ho mu Burundi.

Tariki ya 28/03/09: Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yifatanyije n'abandi Bepiskopi, Abapadiri, Abiyeguriyimana n'imbaga y'abakristu ba Diyosezi nshya ya Rutana mu birori by'itangwa ry'Ubwepiskopi bwa Myr Bonaventura NAHIMANA, Umushumba wa mbere w'iyo Diyosezi ya Rutana.

Tariki ya 31/03/09: Musenyeri Kizito BAHUJIMIHIGO Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo akaba n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri, ari kumwe na Musenyeri Michel NSENGUMUREMYI Vicaire Général wa Ruhengeri, baje kuramutsa Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo n'Abapadiri babana**.**

Aha niho dusoreje udukuru twacu, tuzakomeza ubutaha. BAMURANGE M.Françoise